# IGITABO

# CY'

# UBUHEREREKANE

# RW'

# ABAPAPA

Wowenkunkira No 1!

# URUHEREREKANE RW'ABAPAPA

Scanned by CamScanner





**1. MUTAGATIFU PETERO:**

Yavukiye i Betsayida ho muri Galileya. Ni we Yezu yasigiye ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya n'ububasha bwo kubutanga. Ni we watanze bwa mbere icyo twakwita isakramentu ry'Ubusaserdoti; ashyiraho no kuvuga isengesho rya Dawe uri mu ijuru. Yahowe Imana ku itariki ya 29/6/67, yisabira kubambwa acuramye.

**2. MUTAGATIFU LINI:**

Yavukiye i Volutera, atorerwa ubupapa muri 67, atanga ku ya 23/9/76. Yahambwe iruhande rwa Mutagatifu Petero. Abepiskopi 15 ba mbere ni we wabubahaye. Abanditsi b'Ivanjili Mariko na Luka bahowe Imana ku ngoma ye.





**3. MUTAGATIFU ANAKELETI:**

Ni umunyaroma. Yatowe muri 76, atanga muri 88, ahowe Imana. Ni we washyizeho amategeko yo gutanga ubwepiskopi. Ni we watanze itegeko ryo kubaka inzu bazajya bahambamo abahowe Imana mu gace ka Vatikani. Ni na we wagennye imyambaro y'abiyeguriyimana.

**4. MUTAGATIFU KILIMENTI:**

Ni umunyaroma. Yatowe muri 88, atanga muri 97, ahowe Imana. Umwami w'abami Trayani yamuciriye i Ponti, hanyuma bamuroha mu nyanja bamuziritse urusyo ku ijosi. Ni we wasubijeho imihango y'isakramentu ry'Ugukomezwa ya Petero Mutagatifu. Ijambo "Amen" ni we warishyize mu mihango y'iyobokamana.



Scanned by CamScanner



### 5. MUTAGATIFU EVARISITI:

Ni umugereki. Yatowe muri 97, atanga mu 105. Kubera ko abakristu bagendaga biyongera, ni we wagabanyije umugi mo za paruwasi. Ni we washinze diyakoniya 7 za mbere, aziha abasaserdoti bashaje ngo bazitegeke. Ngo ni ho urugaga rw'abakaridinali rwakomotse.



### 6. MUTAGATIFU ALEGISANDERI WA 1:

Ni umunyaroma. Yatowe mu 105, atanga mu 115. Bamwitirira ibyo gukoresha amazi y'umugisha muri Kiliziya no gukoresha umugati udasembuye.



### 7. MUTAGATIFU SIGISITI WA 1:

Ni umunyaroma. Yatowe mu 115, atanga mu 125. Ni we washyizeho wa mwenda batwikiriza inkongoro ya misa, kandi ategeka ko wo n'iyindi myenda itegurwa mu Kiliziya, igomba gukorwaho n'abapadiri gusa.



### 8. MUTAGATIFU TELESIFORO:

Ni umugereki. Yatowe mu 125, atanga mu 136. Ni we waduhimbiye indirimbo "Imana nisingizwe mu ijuru", ashinga n'igisibo cy'ibyumweru 7 mbere ya Pasika. Ni we wahaye abapadiri uruhusa rwo gusoma misa 3 mu ijoro rya Pasika, ahimba n'amasengesho mashya ya misa.



Scanned by CamScanner




## 9. MUTAGATIFU HIGINI:

Ni umunyateni. Yatowe mu 136, atanga mu 140, ahowe Imana. Ni we waboneje imirimo y'abapadiri, ashyiraho n'uko bakurikirana mu nzego. Ni we washyizeho ababyeyi ba batisimu ku mpinja, ategeka ko na za Kiliziya zizajya zitirirwa abatagatifu.



## 10. MUTAGATIFU PIYO WA 1:

Yavukiye Akwiliya, atorwa mu 140, atanga mu 150. Bamwitirira kuba yarashyize umunsi mukuru wa Pasika ku cyumweru cya mbere cy'inzora y'ukwezi kwa Weru-rwe. Amategeko yashyizeho yerekeye ihinduka ry'abayahudi afite umwanya ukomeye.



## 11. MUTAGATIFU ANISETI:

Yavukiye muri Siriya, atorwa mu 155, atanga mu 166, ahowe Imana. Yashyizeho amabwiriza yo kubuza abapadiri gukabya mu gusokoza. Ni we wemeje bidasubirwaho ko Pasika izajya ihimbazwa hakurikijwe uruhererekane rwa Petero.



## 12. MUTAGATIFU SOTERI:

Yavukiye i Fondi, atorwa mu 166, atanga mu 175, ahowe Imana. Umuntu yamwita umupapa w'urukundo. Yemeje ko ugushyingirwa ari isakramentu kandi ko rifata iyo ryahawe umugisha n'umusaserdoti.



Scanned by CamScanner



### 13. MUTAGATIFU ELEWUTERI:

Yavukiye i Nikolope muri Epiri. Yatowe mu 175, atanga mu 189, ahowe Imana. Ni we woherej Fugasiyo na Damiyani ngo bahindure Ababuritanike. Yaciye imwe n'imwe mu mihango y'abayahudi yo guhumana no kwihumanura, abakristu bari bagikurikiza.



### 14. MUTAGATIFU VIGITORI WA I:

Yavukiye muri Afurika, atorwa mu 189, atanga mu 199, ahowe Imana. Ni we watanze uruhusa rwo gukoresha amazi abonetse yose muri batisimu y'abenda gupfa. Yarwanyije cyane abepiskopi ba Aziya n'Afrika, ngo bareke guhimbaza Pasika kiyahudi, ahubwo ngo bayihimbaze bakurikije imihango y'iminyaroma.



### 15. MUTAGATIFU ZEFIRINI:

Yavukiye i Roma, atorwa mu 199, atanga muri 217, ahowe Imana. Yategetse ko abana bahabwa Ukarisitiya ya mbere bafite imyaka 14 kandi kuri Pasika. Ingoma ye yaranzwe n'impaka z'urudaca mu isesengurakwemera. Yafungiye amasakramentu uwitwa Telituliyani. Ni we wategetse ko inkongoro za misa n'udusahani bigira isura irabagirana.



### 16. MUTAGATIFU KALISITI WA I:

Yavukiye i Roma, atorwa muri 217, atanga muri 222, ahowe Imana. Ni we wacukuje ubuvumo bw'ahitwa Via Appia, bwahambwemo abapapa 46 n'abahowimana bagera ku 200.000. Yicishijwe ibibando, umurambo we ujugunywa mu iriba, ubu hakaba hubatswe Kiliziya ya Mutagatifu Mariya.



Scanned by CamScanner



## 17. MUTAGATIFU URUBANI - WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa muri 222, atanga muri 230. Ni we wahinduye Mutagatifu Sesiliya ayoboka ubukristu. Muri 230 yubakishije i Trastevere aho umurambo w'uwo murinzi w'abaririmbyi uruhukiye. Ni we wemereye Kiliziya kugira umutungo.



## 18. MUTAGATIFU PONSIYANI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 21/7/230, atanga ku ya 28/9/235. Ni we washyizeho gukoresha indirimbo za Zaburi, no kuvuga isengesho rya "Nemereye imbere y'Imana ishobora byose" mbere yo gupfa, kimwe n'indamutso ngo "Nyagasani Yezu nahorane namwe".



## 19. MUTAGATIFU ANTERI:

Ni umunyasisiriya. Yatowe ku ya 21/12/235, ahorwa Imana atanzwe n'umwami w'abami witwa Magisimiyani. Ni we washyizeho ibyo kubika ibisigazwa by'abahowimana muri za Kiliziya.



## 20. MUTAGATIFU FABIYANI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/1/236, atanga ku ya 20/1/250, ahowe Imana. Umunsi w'iyimikwa rye, inuma, tuzi ko ishushanya Roho Mutagatifu, yamuguye ku mutwe. Kubera itotezwa rikaze ryabaye ku ngoma ye, abakristu b'i Roma bimukiye ahandi. Ni ko ibyo kwitarurira kure y'abandi ngo wibereho mu isengesho gusa byatangiye.



Scanned by CamScanner



**21. MUTAGATIFU KORUNELIYUSI:**

Yavukiye i Roma, atorwa muri Werurwe 251, atanga muri Kamena 253, ahowe Imana. Ku ngoma ye ni bwo habayeho ubwitandukanye bwa mbere mu bakristu butewe n'itorwa ry'umuntu warwanyaga Papa witwa Navasiyani waciwe na Konsili y'i Roma. Yaguye ahitwa i Kivitavekiya azize ko yanze gutura ibitambo ibigirwamana.



**22. MUTAGATIFU LUCIYUSI WA I:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 25/6/253, atanga ku ya 5/3/254, ahowe Imana. Yabujije ko abagabo n'abagore badafitanye isano batura hamwe, ndetse n'abihayimana kuba bacumbikira abadiyakonikazi, n'ubwo byaba ari impamvu z'urukundo.



**23. MUTAGATIFU SITEFANO WA I:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 12/5/254, atanga ku ya 2/8/257, ahowe Imana. Ku ngoma ye hongeye kuvuka intambara zitewe n'abashyigikiye wa wundi warwanyaga Papa witwa Navasiyani. Bamuciye umutwe ari mu mihango y'iyobokamana mu buvumo bwitiriwe Mutagatifu Kalisiti. Icyo gihe yari yicaye ku ntebe ye ya Papa.



**24. MUTAGATIFU SIGISITI WA 2:**

Ni umugereki. Yatowe ku ya 30/8/257, atanga ku ya 6/8/258, ahowe Imana. Kubera ko yari umuntu ugwa neza kandi utuza, ni we waciye burundu amahane yari yarazahaje Kiliziya ku ngoma za ba Koruneliyusi, Luciyusi na Sitefano. Ni we wimuye imirambo y'abatagatifu Petero na Pawulo.



Scanned by CamScanner



**25. MUTAGATIFU DIYONIZI:**

Yavukiye i Turiyo, atorwa ku ya 22/7/259, atanga ku ya 26/12/268. Icyo gihe ibisumizi byari byugarije umugi wa Roma. Kubera itotezwa, yatowe hashize umwaka. Ni we wongeye atunganya amaparuwasi ya Roma, kandi ni we wakiye abakristu uburenganzira bwo gukurikiza iyobokamana ryabo ku mugaragaro.



**26. MUTAGATIFU FELIGISI WA I:**

Ni umunyaroma. Yatowe ku ya 5/1/269, atanga ku ya 30/12/274. Ni we wemeje ubumana n'ubuntu bwa Yezu Kristu, kandi ko izo kamere zombi zihuriye mu muntu. Yatotejwe n'umwami w'abami witwa Awureliyani. Ni we wategetse ko abahowimana bahambwa munsi ya z'alitari no gusomera misa ku mva zabo.



**27. MUTAGATIFU EWUTIKIYANI:**

Yavukiye i Lumi, atorwa ku ya 4/1/275, atanga ku ya 7/12/283, ahowe Imana. Yategetse ko abahowimana bahambwa mu gishura nk'iki cy'abadiyakoni. Ni we washyizeho ibyo guha umugisha imyaka n'imirima.



**28. MUTAGATIFU GAYIYUSI:**

Yavukiye i Salone, atorwa ku ya 17/12/283, atanga ku ya 22/4/296, ahowe Imana. Ni we washyizeho intambwe z'isakramentu ry'ubusaserdoti, ubusomyi, ubuhereza, ubudiyakoni n'ubusaserdoti.



Scanned by CamScanner



## 29. MUTAGATIFU MARISELINI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 30/6/296, atanga ku ya 25/10/304: Ku ngoma ye, Diyoklesiyani yatoteje Kiliziya bikomeye, za Kiliziya n'inyandiko ntagatifu biratwikwa. Mu bo ryahitanye, harimo ba mutagatifu Lusiya, Anyesi, Bibiyana, Sebasitiyani, Saturunini, Fiburuse na Lusiyani.



## 30. MUTAGATIFU MARISELI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 27/5/308, atanga ku ya 16/1/309. Ku ngoma ye, yabayeho hashize imyaka ine nta mupapa uriho, yakemuye ikibazo gikomeye cy'abagabihakanye ukwemera kwabo mu itotezwa. Ni bwo byemejwe ko nta konsili ishobora guterana idatumiwe na Papa.



## 31. MUTAGATIFU EWUZEBU:

Yavukiye i Kasano Joniko. Yatowe ku ya 18/4/309, atanga ku ya 17/8/309. Ku ngoma ye habayeho impaka zikaze ku byerekeye ubuhakanyi zenda guca ibice muri Kiliziya. Yanze kwivuguruza akomeza imbabazi. Yaguye muri Sisiliya ahowe Imana.



## 32. MUTAGATIFU MILITIYADI:

Yavukiye muri Afrika, atorwa ku ya 2/7/311, atanga ku ya 2/1/314. Yabonye ugutsinda k'ubukristu ku ngoma y'umwami Konsitantini, buba idini ya Leta. Ni we washyizeho ibyo gukoresha umugati wahawe umugisha kandi yubakisha Kiliziya nini yitiriwe Mutagatifu Yohani.



Scanned by CamScanner



## 33. MUTAGATIFU SILIVESITIRI WA I:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 31/1/314, atanga ku ya 31/12/335. Ni we wa mbere wambaye ikamba ry'ubupapa. Ni na we wakoranyije Konsili ya mbere y'i Nise, ya yindi yashyizeho iyi ndangakwemera dukoresha mu misa (credo). Kugira ngo izuka rya Nyagasani ribe ari ryo rihimbazwa, yashyizeho icyumweru. Yacurishije ikamba ry'icyuma akoresheje umusimari wo ku musaraba. Ku ngoma ye ni ho Kiliziya ya Mutagatifu Yohani yabaye Katedarali ya Diyosezi ya Roma.



## 34. MUTAGATIFU MARIKO:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 18/1/336, atanga ku ya 7/10/336. Ni we washyizeho ko Papa azajya yimikwa n'umwepisikopi wa Ositi. Ashyiraho n'igishura cyitwa "pallium", ategeka ko kizajya kidodwa mu bwoya bw'intama y'umweru izajya ibanza igahabwa umugisha, kandi kuri icyo gishura hakabaho imisaraba ibiri y'umukara. Kalendari ya mbere y'iminsi mikuru ya Kiliziya yabayeho ku ngoma ye.



## 35. MUTAGATIFU YULI WA I:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 6/2/337, atanga ku ya 12/4/352. Mu Kiliziya y'iburasirazuba, ni we washyize umunsi wa Noheli ku ya 25/12; ubusanzwe bawuhimbazaga ku ya 6/1 hamwe n'umunsi w'ukwigaragaza kwa Nyagasani. Ni we washinze ubushyinguranyandiko bw'intebe ya Papa kuko ari we wategetse ko ibikorwa by'abapapa bizajya bishyingurwa.



## 36. MUTAGATIFU LIBERIYUSI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 17/5/352, atanga ku ya 24/9/366. Impaka zatewe n'abayoboke b'uwitwa Ariye bari baritoreye ingirwapapa yitwa Feligisi wa II zarakomeje ku ngoma ye. Ni we watangiye fondasiyo ya Kiliziya yitiriwe Mariya Mutagatifu, ubwe aba ari we uyipimira nyuma y'urubura rwaguye ku ya 15/8.



Scanned by CamScanner



## 37. MUTAGATIFU DAMASI WA 1:

Yavukiye muri Hisipaniya, atorwa ku ya 1/10/366, atanga ku ya 21/12/384. Yabaye umupapa w'umuhanga. Ni we wemeye ko zaburi ziririmbwa mu majwi abiri yahimbwe na Mutagatifu Ambrozi, na Allelua ikaririmbwa mu ijwi rya kiyahudi. Ni we wahinduje Ibyanditswe Bitagatifu bivanwa mu gihebureyi, atumiza na Konsili ya kabiri.



## 38. MUTAGATIFU SIRISI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 15/12/384, atanga ku ya 26/11/399. Ni we musimbura wa mbere wa Mutagatifu Petero wiswe izina Papa rikomoka ku kigereki, rigasobanura "Data". Cyakora hariho abavuga ko ijambo Papa ari impinamagambo y'interuro y'ikilatini ivuga ngo Petri-Apostoli-Potestatem-Accipiens. Ni we wemeje ukudashaka kw'abapadiri n'abadiyakoni.



## 39. MUTAGATIFU ANASITAZI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 27/11/399, atanga ku ya 19/1/401. Ni we wakemuye ikibazo cy'ubwitandukanye bwa Roma n'Antiyokiya. Ni we washyizeho kandi umugenzo wo gukomeza guhagarara mu Ivanjili ku bapadri.



## 40. MUTAGATIFU INOSENTI WA 1:

Yavukiye ahitwa Alubano, atorwa ku ya 22/12/401, atanga ku ya 12/3/417. Ku ngoma ye ni ho Roma yasahuwe n'abitwa Abagoti bayobowe na Alarike. Mu burengerazuba, ni we wabategetse gukurikiza imihango y'i Roma, ashyiraho n'urutonde rw'ibitabo byemewe kimwe n'amategeko agenga abamonaki. Ni we watumye umukino wo kurwana n'inyamaswa ucibwa.



**41. MUTAGATIFU ZOZIMI:**

Akomoka ahitwa Masurase mu Bugereki. Yatowe ku ya 18/3/417, atanga ku ya 26/12/418. Yari umupapa ufite ibakwe, ni we wiyamye abo hanze ashimangira ubutegetsi bwa Kiliziya. Ni we wategetse ko nta mwana ufite se utazwi uzahabwa ubusaserdoti, yohereza n'abavikeri mu bihugu bw'Abafra.



**42. MUTAGATIFU BONIFASI WA 1:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 28/12/418, atanga ku ya 4/11/422. Ukujya mu itorwa rye ku witwa Karoli w'i Ravene kwabaye imbarutso yo kwivanga mu itorwa rya Papa ku basivili. Yahawe ubupapa amaze imyaka 7 yose arwanya ingirwapapa yitwa Ewulariyusi.



**43. MUTAGATIFU SELESITINI WA 1:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/9/422, atanga ku ya 27/7/432. Ni we watumije Konsili ya 3 yaciye Nesitoriyusi, umukurambere wa Konstatinopule. Yohereje Mutagatifu Patirisi kwigisha muri Irilande. Ku ngoma ye ni bwo ijambo "inkoni ya gishumba" ryadutse.



**44. MUTAGATIFU SIGISITI WA 3:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 31/7/432, atanga ku ya 19/8/440 Ni we wubakishije kandi atakisha Kiliziya nkuru zitiriwe Mariya Mukuru na Mutagatifu Lawurenti. Yandikiye abakristu inzandiko nyinshi.



Scanned by CamScanner



**45. MUTAGATIFU LEWO WA 1:**

Ni umutaliyani w'ahitwa Tushiya. Yatowe ku ya 29/9/440, atanga ku ya 10/11/461. Yiswe Lewo Mukuru kubera umwete yagaragaje wo gukomeza ubumwe bwa Kiliziya. Ni we wahamagaje Konsili ya 4 n'iya 5; ni we kandi waboneje ihame ry'ukwigira umuntu. N'ubwo abantu bamutereranye kandi nta ntwaro, ni we wakumiriye uwitwa Atiba ntiyigarurira Roma.



**46. MUTAGATIFU HILERI:**

Yavukiye ahitwa i Kagliyari, atorwa ku ya 19/11/461, atanga ku ya 29/2/468. Yakomeje amatwara ya Lewo Mukuru. Yashyizeho amategeko ya Kiliziya akaze. Ni we wategetse ko abapadiri bagomba kuba barize bihagije, anategeka ko Papa n'abepisikopi badashobora kwishyiriraho ababasimbura.



**47. MUTAGATIFU SEMPULISE:**

Yavukiye i Tivoli, atorwa ku ya 3/3/468, atanga ku ya 10/3/483. Ku ngoma ye, ni ho ingoma y'abanyaroma y'iburengerazuba yasenyutse, kandi ni bwo harangiye ubwitandukanye bwakomotseho za Kiliziya zo muri Arumeniya, iza Siriya n'izo mu Misiri (abitwa Abakobute). Ni we washyizeho amategeko agenga kugabanya abakora ingendo ntagatifu, amaturo, kimwe na za Kiliziya zigitangira.



**48. MUTAGATIFU FELIGISI WA 3:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 13/3/483, atanga ku ya 1/3/492. Yagerageje guhosha amahane yo mu Burasirazuba yicaza umukurambere wa Konsitatinopule. Yari afite abana, umwe muri bo akaba ari se wa Gerigori Mukuru.



Scanned by CamScanner




**49. MUTAGATIFU GELASI WA 1:**

Yavukiye i Roma, ariko akaba akomoka muri Afrika. Yatowe ku ya 1/3/492, atanga ku ya 21/11/496. Ni we washinze amategeko yo kuboneza imihango ya Kiliziya, ngo ibe imwe hose. Kubera urukundo rwe rudasanzwe, yahimbwe iry'umubyeyi w'abakene. Ni we wemeje ko Kiliziya isumba ubutegetsi bwa Leta, anashyira "Nyagasani utubabarire" mu mihango ya misa.



**50. MUTAGATIFU ANASITAZI WA 2:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 24/11/496, atanga ku ya 19/11/498. Ni we wafashije umwami Klovisi n'igihugu kwemera bakabatizwa. Cyakora ntiyashoboye guhangana n'abashyigikiye ubwitandukanye, ndetse byageze n'aho bamushinja kuba umuhakanyi.



**51. MUTAGATIFU SIMAKI:**

Yavukiye i Saridenye, atorwa ku ya 22/11/498, atanga ku ya 19/7/514. Ni we washimangiye umutungo wa Kiliziya, amasambu ayagira nk'ibikingi. Yatanze ingu-ramuja ku bacakara arabarekura. Bavuga ko ari we waba yarubatse ingoro y'i Vatikani.



**52. MUTAGATIFU HORUMISIDASI:**

Yavukiye i Frozinone, atorwa ku ya 20/7/514, atanga ku ya 6/8/523. Ku ngoma ye ni bwo Mutagatifu Benedigito yashinze umuryango w'abamonaki n'ikigo cy'ahitwa i Monte Casino cyashenywe mu ntambara ya 2 y'isi. Ni we wavanyeho ibya nkunzi mu gutanga ibyicaro by'abepisikopi.



Scanned by CamScanner



**53. YOHANI WA 1:**

Yavukiye i Populoniya, atorwa ku ya 13/8/523, atanga ku ya 18/5/526, ahowe Imana. Ni we wambitse ikamba umwami w'abami Yusitini. Yagizwe imfungwa n'umwami w'inyeshyamba witwa Tewodorike wari wateye u Butaliyani, agwa i Ravene. Ni we mupapa wa mbere wagiye i Konsitatinopule.



**54. MUTAGATIFU FELIGISI WA 4:**

Yavukiye i Benevento, atorwa ku ya 12/7/526, atanga ku ya 22/9/530. N'ubwo yashyizweho n'umwami Tewodorike kubera inyungu ze bwite, yabereye Kiliziya indahemuka bigeza aho umwami amuciye i Roma. Nyuma y'urupfu rwe ni bwo abakristu bahawe uburenganzira bwo gusenga nta nkomyi.



**55. MUTAGATIFU BONIFASI WA 2:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 22/9/530, atanga ku ya 17/10/532. Kubera ko yakomokaga mu bwoko bw'abagoti, bamufashe nk'inyeshyamba n'umunyamahanga, abamurwanya batora Diyosikope ho Papa. Yubakishije ikigo cy'abamonaki cy'i Monte Kasino ku ngoro ya Apolo.



**56. PAPA YOHANI WA 2:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 2/1/533, atanga ku ya 8/5/535. Ni we mupapa wa mbere wahinduye izina kuko mbere yitwaga Merikuri, iryo zina rero ryari iry'ikigirwamana cy'abapagani. Mu iteka ry'ahitwa Atalariya, ni bwo Papa yagizwe umukuru w'abepisikopi b'isi yose.



Scanned by CamScanner






## 57. MUTAGATIFU AGAPITO WA I:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 13/6/535, atanga ku ya 22/4/536. Umwami w'abagoti yamwohereje i Konsitatinopule mu butumwa bwa politiki, ngo yurure umwami w'abami Yusitiniyani washakaga kwigarurira u Butaliyani. Amahirwe ntiyamusekeye kuko ari ho yaguye azize uburozi kubera ubutiriganya bw'umugore w'umwami w'abami Tewodora wo mu idini ry'abanyawutishiya.

## 58. MUTAGATIFU SILIVERI:

Yavukiye i Frozinone, atorwa ku ya 1/6/536, atanga ku ya 11/11/537, ahowe Imana. Ku ngoma ye, ingabo za Yusitiniyani zigabwe n'uwitwa Belizeri zigaruriye Roma. Byabaye ngombwa ko uwo mupapa yegura, acirirwa mu kirwa cya Ponza, baba ari na ho bamuhotorera.





## 59. PAPA VIGILE:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 29/3/537, atanga ku ya 7/6/555. Kubera gutinya Tewodora ntiyashoboye kuvanaho amahame y'abanyawutishiya. Igihe bamufashe ariho asoma misa yashoboye kwikuriramo ake karenge. Ni we watumije Konsili ya 5 ya Kiliziya. Yusitiniyani yaciye iteka rivuga aho ubutegetsi bwa Papa bugarukira mu by'ukwemera.

## 60. PAPA PELAJE WA I:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 16/4/556, atanga ku ya 4/3/561. Itorwa rye usanga ryaratewe na Yusitiniyani, kuko u Butaliyani bwari bwarabaye intara y'ibihugu bye. Cyakora yabaye indahemuka ku mahame gatolika. Ni we wubakishije Kiliziya y'Intumwa ntagatifu i Roma.



61. PAPA YOHANI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 17/7/561, atanga ku ya 13/7/574. Ni we wakijije abataliyani inyeshyamba, kuko mu bitero by'abitwa abalombaridi byagabwe na Nariseti, yashoboye kubumbira hamwe abataliyani, bashobora gushyira hamwe no guhashya ibitero byari bibateye.



62. PAPA BENEDIGITO WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 2/6/575, atanga ku ya 30/7/579. Yatowe hashize umwaka wose nta Papa uriho. Yakoze uko ashoboye ngo agarure umutekano mu Bufaransa no mu Butaliyani byari byahungabanyijwe n'ibitero by'inyeshyamba no gusubiranamo kw'abaturage. Yemeje ko Konsili ya 5 ya Kiliziya ibera i Konsitatinopule.



63. PAPA PELAJE WA II:

Yavukiye i Roma, ariko ari uwo mu bwoko bw'abagoti. Yatowe ku ya 26/11/579, atanga ku ya 7/2/590. Igihe Roma yari igoswe n'abalombaridi, yahuruje Konsitatinopule. Ni we wategetse ko abapadiri bagomba kuvuga buribyari buri munsi.



64. MUTAGATIFU GERIGORI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 3/9/590, atanga ku ya 12/3/604. Ni we washimangiye ubutegetsi bwa Leta bwa Papa. Mu ikuka ry'icyorezo cy'indwara i Roma, umumarayika yamubonekeye ku rutare rwaje kwitwa Ingoro ya Marayika Mutagatifu. Ni we wadukanye kwiyita "Umugaragu w'abagaragu b'Imana". Ni we dukesha amajwi y'indirimbo zamwitiriwe.



Scanned by CamScanner



## 65. PAPA SABINIYANI:

Yavukiye i Blera, atorwa ku ya 13/9/604, atanga ku ya 22/2/606. Yatowe hashize amezi 6 nta Papa uriho. Ni we wategetse bwa mbere ko inzogera zivuzwa ku buryo bunyuranye bitewe n'amasaha zivugiyeho no kurarikira abakristu amasengesho. Ni we kandi wemeje ko ka gatara ko kuri taberinakulo kazajya gahora gacanye.




## 66. PAPA BONIFASI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 19/2/607, atanga ku ya 12/11/607. Ni we washyizeho ko iby'itora rya Papa bigomba gutangira hashiraze iminsi 3 undi atanze. Ni we washyizeho ko umwepisikopi w'i Roma ari we mwepisikopi w'isi yose, ari we Papa.



## 67. MUTAGATIFU BONIFASI WA 4:

Yavukiye muri za Abruze, atorwa ku ya 25/8/608, atanga ku ya 8/5/615. Ingoro y'ibigirwamana y'Agripa yitwa Pantewo, ni we wayihinduye ingoro y'amasengesho ku bakristu, ayitirira Bikira Mariya n'abatagatifu. Ni we washyize umunsi w'abatagatifu bose ku ya 1/11. Yakoze n'ivugururwa ry'imibereho y'abasaseridoti, cyane cyane ba rubanda rugufi.



## 68. MUTAGATIFU ADEWODATI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/10/615, atanga ku ya 8/11/618. Mu kwiyibagirwa no mu butwari butavugwa, yavuye ababembe n'abarwaye indwara mbi zindi. Ni we washyizeho ikashe ya Papa bita "bile", n'ubu iye ikaba igishyinguye i Vatikani.



Scanned by CamScanner



## 69. PAPA BONIFASI WA 5:

Yavukiye i Napule, atorwa ku ya 23/12/619, atanga ku ya 25/10/625. Yatowe hashize amezi 11 nta Papa uriho kandi atangirira mu ntambara zo kurwanira ingoma mu Butaliyani. Ni we washyizeho itegeko ry'uko abahungiye mu Kiliziya badakurikiranwa. Ku ngoma ye ni bwo Muhamedi yatangiye kwigisha isilamu.



## 70. PAPA HONORIYUSI WA 1:

Yavukiye i Kaponi, atorwa ku ya 27/10/625, atanga ku ya 12/10/638. Yohereje abamisiyoneri hose ku isi yari izwi icyo gihe. Ni we washyize umunsi mukuru w'ikuzwa ry'umusaraba ku ya 14/9. Ni we wakemuye ibibazo bya Kiliziya mu Burasirazuba n'ubwitandukanye bw'Akwileya mu nama zabaye ibyiciro bitatu.



## 71. PAPA SEVERINI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 28/5/640, atanga ku ya 2/8/640. Yashwanye n'umwami w'abami w'i Bizanse witwa Erakliyusi wari waciye gusenga Imana imwe rukumbi. Kugira ngo amuhane, umwami yategetse gufunga Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Yohani n'ingoro y'i Laterani, papa bimuviramo gupfa yishwe n'agahinda.



## 72. PAPA YOHANI WA 4:

Yavukiye i Dalumatiya, atorwa ku ya 24/12/640, atanga ku ya 12/10/642. Yakoze uko ashoboye ngo agarure abanyamisiri bayobye mu nzira nziza. Ni we wimuriye abahowimana Venanti, n'Anasitazi na Moro mu Kiliziya y'i Laterani. Ubwe yahaye ubusaseridoti abapadiri 28 n'abepisikopi 18 ngo yirebere ukwemera kwabo.



Scanned by CamScanner



### 73. PAPA TEWODORI WA 1:

Yavukiye i Yeruzalemu, atorwa ku ya 24/11/642, atanga ku ya 14/5/649. Ni we wongeyeho amazina y'ikirenga agenewe Papa anaboneza amategeko agenga abapadiri. Yagiranye ubwumvikane buke n'iburasirazuba n'umwami w'abami Konsitansi wa 2. Bakeka ko yapfuye arozwe.



### 74. MUTAGATIFU MARITINI WA 1:

Yavukiye i Todi, atorwa ku ya 5/7/649, atanga ku ya 16/9/655, ahowe Imana. Yaciye abepisikopi b'iburasirazuba bari bashyigikiwe n'umwami w'abami. Yarabanje arafungwa, hanyuma acirirwa ishyanga, agwa mu kirwa cya Shesise. Ku ngoma ye ni bwo umunsi mukuru wa Bikira Mariya wo kuri 25/3 watangiye gutagatifuzwa.



### 75. MUTAGATIFU EWUJENI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/8/654, atanga ku ya 2/6/657. Yatowe hasigaye umwaka umwe gusa ngo Maritini wa 1 atange. Yarwanyije ubutiriganya bw'umwami w'abami, amenyesha ibihugu by'i Burayi urwo umusimbura we yapfuye. Ni we wategetse ko abapadiri bagomba gukurikiza ubumanzi.



### 76. MUTAGATIFU VITALIYANI:

Yavukiye i Senyi, atorwa ku ya 30/7/657, atanga ku ya 27/1/672. Ni we washyizeho intumwa za Papa mu gihugu cy'Abafra, muri Hisipaniya no mu Bwongereza. Ni we washyizeho amategeko agenga ziriya nanga bacuranga mu Kiliziya. Muri 671 abalombaridi bayobotse ubukristu.



Scanned by CamScanner



## 77. PAPA ADEWODATI WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 2/4/672, atanga ku ya 17/6/676. Ni we watumye abakristu bitwa Abamaronite bahinduka. Ni we wakoresheje bwa mbere mu mabaruwa ye imvugo ngo "Mbifurije umukiro kandi mbahaye umugisha wa gishumba".



## 78. PAPA DONI:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 2/11/676, atanga ku ya 2/4/678. Yashoboye guhosha amacakubiri yari muri Kiliziya y'i Raveni. Yateye inkunga kandi abepisikopi b'abafra ngo bashobore kurengera amashuri y'i Treviri muri Gole n'i Kambrije ho mu Bwongereza.



## 79. MUTAGATIFU AGATO:

Yavukiye i Palerume, atorwa ku ya 27/6/678, atanga ku ya 10/1/681. Yanogeje umubano n'abepisikopi b'abongereza kandi atera inkunga igihugu cya Ilirande. Ni we watumije Konsili ya 6. Kubera gukora ibitangaza bamwise "Umunyabitangaza".



## 80. MUTAGATIFU LEWO WA 2:

Yavukiye muri Lisili, atorwa ku ya 17/8/682, atanga ku ya 3/7/683. Imihango y'iyobokamana yayihimbazaga mu ishema n'isheja, ngo abakristu bashobore kwiyumvisha icyubahiro kitagereranywa cy'Imana. Ni we washyizeho umuhango wo gutera abakristu amazi y'umugisha.



Scanned by CamScanner



### 81. MUTAGATIFU BENEDIGITO WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 26/6/684, atanga ku ya 8/5/685. Ni we washubijeho ukudakurikiranwa kw'abantu bahungiye mu Kiliziya. Ni we wakijije Kiliziya ubwivange bw'abami mu biyireba bwari bwaratangiwe na Yusitiniyani.



### 82. PAPA YOHANI WA 5:

Yavukiye mu mugi w'Antiyoshe, atorwa ku ya 23/7/685, atanga ku ya 2/8/686. Yatoreshejwe n'umwami w'i Bizansi. Yantunganyije n'ibyerekeye amadiyosezi ya Saridenye na Koruse, yemeza ko Intebe ya Papa ari yo igomba gushyiraho abepisikopi bazo.



### 83. PAPA KONONI:

Yavukiye i Tarase, atorwa ku ya 1/10/686, atanga ku ya 21/9/687. Ingoma ye yaranzwe n'imvururu kubera akajagari kari muri Kiliziya. Yahuye n'ingorane nyinshi, kubera ubutiriganya bw'umwami w'abami w'i Bizanse. Bakeka ko yapfuye arozwe.



### 84. MUTAGATIFU SERIJI WA 1:

Yavukiye i Antiyoshe, atorwa ku ya 15/9/687, atanga ku ya 8/9/701. Yatowe nyuma y'ingirwapapa ebyiri, yihutira guhosha amacakubiri yari yaravutse i Roma. Ni we washyize "Ntama y'Imana" mu mihango ya misa.



Scanned by CamScanner



## 85. PAPA YOHANI WA 6:

Yavukiye Efezi, atorwa ku ya 30/10/701, atanga ku ya 11/1/705. Ingoma ye yahuye n'ingorane zikomeye kubera ko Abanyaturikiya barwanyaga ubukristu mu Burasirazuba no muri Hisipaniya. Yarengeye inyungu za Kiliziya umwami w'abami w'iburasirazuba yashakaga gukubirana. Yanabohoje abacakara benshi.



## 86. PAPA YOHANI WA 7:

Yavukiye i Rosano y'i Kalabre, atorwa ku ya  /3/705, atanga ku ya 18/10/707. Yanze gupfukamira umwami w'abami Yusitiniyani wa 2, wari warihaye ibyo kwica, bikarakaza abalatini n'abataliyani, bakareka kuyoboka umwami w'abami w'iburasirazuba.



## 87. PAPA SISINIYUSI:

Yavukiye muri Siriya, atorwa ku ya 15/1/708, atanga ku ya 4/2/708. Kubera ko ingoma ye yamaze igihe gito, nta bikorwa bikomeye yigeze ageraho. Yashoboye gusana inkuta z'umugi wa Roma zahoraga zisenywa n'abalombaridi n'abasarase.



## 88. PAPA KONSINTATINI:

Yavukiye muri Siriya, atorwa ku ya 25/3/708, atanga ku ya 9/4/715. N'ubwo bamujyanye i Bizanse ku ngufu, yashoboye guhosha imvururu muri Kiliziya no mu gihugu. Aho agarukiye i Roma, yashishikarije abakristu b'abasipanyoli guhagurukira abataye ukwemera. Niwe washyizeho umugenzo wo gusoma ikirenge cy'ishusho ya Mutagatifu Petero byo kugaragaza ukumvira.



Scanned by CamScanner



## 89. MUTAGATIFU GERIGORI WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 19/5/715, atanga ku ya 11/2/731. Ku ngoma ye, i Konsitaninopule haciwe iteka ryo kubuza gukoresha amashusho mu mihango mitagatifu, ndetse bategeka kuyamena; abakristu bo mu Butaliyani barahagurutse barwanya izo nyangamashusho barazitsinda.



## 90. MUTAGATIFU GERIGORI WA 3:

Yavukiye muri Siriya, atorwa ku ya 18/3/731, atanga ku ya 28/9/741. Yitabaje Karoli Mariteli, umwami w'abafra ngo akunde atsinde abalombaridi. Ni ho yakuye kwitwa "Umukristu w'Imena", n'abamusimbuye babonera ho. Imfashanyo z'abakene ni bwo ziswe iza Mutagatifu Petero.



## 91. MUTAGATIFU ZAKARIYA:

Yavukiye i Kalabure, atorwa ku ya 10/12/741, atanga ku ya 22/3/752. Yarwanyije igikomangoma cyitwa Ratishi, cyashakaga kwigarurira u Butaliyani, hanyuma kinjira mu bamonaki. Ni we wimitse umwami w'abafra witwa "Pépin-le-Bref, biba ubwa mbere umupapa yimika umwami.



## 92. MUTAGATIFU SITEFANO WA 2:

Baburwaniye ari babiri. Uwa 1 yamaze umunsi umwe (23/3/); uwa kabiri, atorwa ku ya 26/3/752, atanga ku ya 26/4/757. Itorwa rye ryashimishije Abanyaroma ku buryo bamuhetse bakamutambagiza. Ni ko intebe y'ikitabashwa yavutse. Ku ngoma ye ni bwo Kiliziya yagize ubutegetsi bwa leta.



Scanned by CamScanner



## 93. MUTAGATIFU PAWULO WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 29/5/757, atanga ku ya 28/6/767. Yashyigikiye ubwiyunge bwa Kiliziya y'i Roma n'iyo mu Bugereki. Yasuraga gereza akagura abanyururu bafungiwe imyenda. Ni we wavumbuye ibisigazwa bwa Mutagatifu Petronilla, bavuga ko yari umukobwa wa Mutagatifu Petero.



## 94. PAPA SITEFANO WA 3:

Yavukiye muri Sisiliya, atorwa ku ya 7/8/768, atanga ku ya 24/1/772. Ni we waciye burundu ibyerekeye ingirwapapa, kubera ko yari yarabanjirijwe n'ebyiri. Yagiriye inama umwami Karoli mukuru ngo agoboke abakristu bo muri Palesitina.



## 95. PAPA ADRIYANI WA 1:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 9/2/772, atanga ku ya 25/12/795 Yasanishije inkuta za Roma n'imiyoboro y'amazi ishaje. Ni we dukesha ishusho rya zahabu ryo kumva ya Petero n'imitako ya feza ishashe hasi kuri alitari yitiriwe ukwirega ibyaha. Ni we watumije Konsili ya 7.



## 96. MUTAGATIFU LEWO WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 27/12/795, atanga ku ya 12/6/816. Igihe yimikiye Karoli mukuru mu Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Petero mu mwaka wa 800, yasubijeho ingoma y'u Burayi bw'iburengerazuba yitwa "Ingoma Ntagatifu y'indomani". Ni we washinze ishuri ryaje kuvamo kaminuza y'i Parisi mu Bufaransa.



Scanned by CamScanner



**97. PAPA SITEFANO WA 4:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 22/6/816, atanga ku ya 24/1/817. Yagerageje guhosha amahane ashyiraho ibyo yise "kurahirira umwami w'abami", ariko yikingikirije ukudatatira Papa. Ni we wimitse Ludoviko, umwami w'abafra, n'umugore we Herimengarida i Remusi mu Bufransa.



**98. MUTAGATIFU PASIKALI WA 1:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 25/1/817, atanga ku ya 11/2/824. Ku munsi w'iyimikwa rye, umwami Ludoviko yamweguriye ibirwa bya Koruse na Saridenye. Yashyigikiye imirimo yo gushakisha ubuvumo abakristu bari barahambwemo, bimura imirambo 2.300. Ni we wafashije abakristu bo muri Hisipaniya no muri Palesitina kurwanya abasalaze.



**99. MUTAGATIFU EWUJENI WA 2:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 11/5/824, atanga ku ya 27/8/827. Bamwitirira kuba yarashinze amaseminari. Ni we washyizeho komite yo kubahirisha amategeko; ni yo yakomotseho ubu icyo bita "Curia Romana".



**100. PAPA VALANTINI:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 1/9/827, atanga ku ya 16/9/827. Ari rubanda, ari imfura, ari n'abapadiri, bose bamukundiraga ko agira umutima usukuye. Ingoma ye n'ubwo yabaye ngufi, abantu bari bayishimiye kubera ko yari umuntu ukunda gusenga cyane.



Scanned by CamScanner



### 101. PAPA GERIGORI WA 4:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 20/9/827, atanga ku ya 11/1/844. Yagabye igitero kiyobowe n'igikomangoma cyitwa de Toscane, gikubita inshuro abasaraze muri Afrika. Cyakora na bo bashoboye komokera mu Butaliyani, basenya Kivitaveshiya na Ositi maze bagota Roma.



### 102. PAPA SERIJE WA II:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Mutarama 844, atanga ku ya 27/1/847. Ku ngoma ye, abasaraze bateye Roma, basahura Kiliziya ya Mutagatifu Pawulo n'izindi Kiliziya. Abanyaturukiya batsinzwe burundu ahitwa Gayete. Yasanishije ingazi za "Pretorium".



### 103. MUTAGATIFU LEWO WA 4:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/4/847, atanga ku ya 17/7/855. Ni we mupapa wa mbere washyize amatariki ku nyandiko z'ubuyobozi bwa Kiliziya. Ni we wemereye abaturage ba Venize uburenganzira bwo kwitorera abayobozi. Ni we wubakishije inkuta z'umugi witiriwe Lewo, anubaka n'izikikije Vatikani.



### 104. PAPA BENEDIGITO WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 29/9/855, atanga ku ya 17/4/858. Kubera ko rubanda bamukundiraga imigenzo myiza ye, byatumye ahagurukirwa n'umwami w'abami n'ingirwapapa yitwa Atanazi yamaze ukwezi kose ku ngoma. Yagerageje kubumbira hamwe imitwe yo kurwanya abasaraze.



Scanned by CamScanner



## 105. MUTAGATIFU NIKOLA WA 1 (NIKOLA MUKURU)

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 24/4/858, atanga ku ya 13/11/867. N'ubwo yabanje gushyamirana n'umwami w'abami Ludoviko wa 2, baje kwiyunga barwanya abasaraze. Yarwanye ku burenganzira bwa Kiliziya uwitwa Posiyusi yashaka kuyambura. Ni we washyize umunsi mukuru w'ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya ku ya 15/8.



## 106. PAPA ADRIYANI WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 14/12/867, atanga ku ya 14/12/872. Ni we wimitse Aluferedi mukuru, umwami w'u Bwongereza. Yageragejeje guhosha amakimbirane yahoraga mu bagatolika bo mu bihugu binyuranye. Ni we wahamagaje Konsili ya 8.



## 107. PAPA YOHANI WA 8:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 13/12/872, atanga ku ya 16/12/882. Afatanyije n'abaturage ba Roma, barwanyije abasaraze babatsindira i Terasina. Nyuma y'iyimikwa rye, Karoli, umuhonjoke yanze gukurikiza amasezerano yo gufatanya na Papa, nuko Karoli uwo atsindwa n'abarabu.



## 108. PAPA MARINI WA 1:

Yavukiye i Gale mu mugi wa Roma, atorwa ku ya 16/12/882, atanga ku ya 15/5/884. Yahoraga yihaniza Bazili, umwami w'abami w'iburasirazuba kubera abakururaga amacakubiri muri Kiliziya. Bakeka ko yapfuye azize uburozi, nyuma y'aho ashakiye guhosha amakimbirane yariho mu Butaliyani.



Scanned by CamScanner



### 109. MUTAGATIFU ADRIYANI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 17/5/884, atanga muri Nzeli 885. Yabaye akigera ku ngoma, ashimangira ibyemezo abamubanjirije bari barafatiye Potiyusi. Umwami Karoli, umuhonjoke yamutumiye mu Bufaransa, apfira ku rugendo ahitwa i Kezariyo.



### 110. PAPA SITEFANO WA 5:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Nzeli 885, atanga ku ya 14/9/891. Yumvise ko yatowe, yifungirana iwe, bagomba kumuciraho inzugi abona kwemera kwicara ku ntebe ya Petero Mutagatifu. Ni we waciye ibyo kurahirisha umuriro n'amazi mu rubanza; kandi ateza imbere imyuga n'ubugeni.



### 111. PAPA FORUMOZE:

Yavukiye Ositi, atorwa ku ya 6/10/891, atanga ku ya 4/4/896. Yohani wa 8 akiri Karidinali yari yaramuciye, ngo kuko yari yarimitse Arinoluje umwami w'u Butaliyani, nyuma akaza no kumwimikaho umwami w'abami w'u Budage. Abanyaburugariya ni we bakesha kwemera ubukristu.



### 112 PAPA BONIFASI WA 6:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Mata 896, atanga muri uko kwezi. Yatoreshejwe n'abarwanyaga Papa Forumoze, atanga hashize iminsi 15, intebe ya Papa isigara ari isibaniro ry'abahinza b'abataliyani.



Scanned by CamScanner



## 113. PAPA SITEFANO WA 6:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 22/5/896, atanga muri Kanama 897. Kubera ubutiriganya bwo muri politike, yategetse ko batabururа umurambo wa Papa Forumoze, ategeka ko bawujugunya mu ruzi rwa Tibure, amaze kumucira urubanza rwa kibera. Rubanda rwahise rwivumbura, bituma Papa afatwa arafungwa, bamuhotorera muri gereza.



## 114. PAPA ROMANI:

Yavukiye i Galese mu mugi wa Roma, atorwa muri Kanama 897, atanga mu Gushyingo k'uwo mwaka. Yabaye akigera ku ngoma, asubiza Papa Forumoze icyubahiro cye, kandi yemeza ko ibirwa bya Majoruke na Minoruke bigengwa na Roma. Yapfuye azize uburozi.



## 115. PAPA TEWODORE WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa mu Ukuboza 897, atanga muri uko kwezi. Yayoboye Kiliziya iminsi 20 gusa. Yasubije icyubahiro Papa Forumoze ku mugaragaro, amuha imva muri Kiliziya ya Mutagatifu Petero. Yapfuye atarwaye, ku buryo bakeka ko yarozwe.



## 116. PAPA YOHANI WA 9:

Yavukiye i Tivoli, atorwa muri Mutarama 898, atanga muri Mutarama 900. Ni we wemeje ubutegetsi bukuru bwa Kiliziya ku bihugu bye no kuri Roma. Kubera kwanga amahane, yatumye umwami w'abami yongera kugira uruhare mu iyimikwa rya Papa.



Scanned by CamScanner



## 117. PAPA BENEDIGITO WA 4:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 1/2/900, atanga muri Nyakanga 903. Yashoboye kwitwara neza kandi muri rusange abantu benshi bari baradohotse ku muco. N'ubwo inzangano n'ubutiriganya byari byiganje, yashoboye gukoresha ukuri. Ni we wimitse umwami Ludoviko wa Buronye i Roma.



## 118. PAPA LEWO WA 5:

Yavukiye Arideya, atorwa muri Nyakanga 903, atanga muri Nzeli z'uwo mwaka. Mu midugararo y'imvururu, yarafashwe arafungwa yicwa amaze iminsi mike ku ngoma. Umurambo we barawutwitse, ivu ryawo barijugunya mu ruzi rwa Tibure.



## 119. PAPA SERIJE WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 29/1/904, atanga ku ya 14/4/911. Ni we wategetse iyubakwa rya Kiliziya nkuru yitiriwe Mutagatifu Yohani w'i Laterani yari yarashenywe n'inkongi y'umuriro. Ni we waburanye kandi arwana ku burenganzira bwa Kiliziya yari yarambuwe n'abahinzi. Bwabaye ubwa mbere ikamba rye rishushanywa ku midari ye.



## 120. PAPA ANASITAZI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Mata 911, atanga muri 913. Kubera inzangano z'urudaca, mu myaka ibiri y'ingoma ye nta cyo yashoboye gukora. Umwami Berenge wa 1 yamuhozagaho inkeke. Bakeka ko yapfuye azize uburozi.



Scanned by CamScanner





## 121. PAPA LANDO:

Yavukiye i Sabini, atorwa muri Nyakanga 913, atanga muri Gashyantare 914. Yagiye ku ngoma ashyigikiwe n'agatsiko k'abantu bafite intwaro. Cyakora yashoboye guhosha amakimbirane ya politiki yahoragaho. Urupfu rwe rwabaye amayobera.

## 122. PAPA YOHANI WA 10:

Yavukiye i Tosinyano, atorwa muri Werurwe 914, atanga muri Gicurasi 928. Yarwanyije abasaraze cy'abakubita incuro mu gitero cy'ahitwa Galigliyano. Yiciwe muri gereza kuko yari yanze kwemera ubutiriganya mu buyobozi bwa Kiliziya.





## 123. PAPA LEWO WA 6:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Gicurasi 928, atanga mu Ukuboza k'uwo mwaka. Na we yatoreshejwe ku ngufu. Yakoze uko ashoboye kose ngo ahoshe amahane yari yarokamye Roma. Yarwanye inkunduru n'abasaraze n'abanyahungariya arabatsinda. Yateje imbere ubugeni, ubucuruzi n'inganda.

## 124. PAPA SITEFANO WA 7:

Yavukiye i Roma, atorwa mu Ukuboza 928, atanga muri Gashyantare 931. Yagiye ku ngoma ashyizweho n'ubutiriganya bw'ibikomangoma by'i Tusikolo; icyo gihe i Roma hatwaraga umugore witwa Maroziya, igikomangomakazi cy'i Tushiya. Ni we washyigikiye ibigo by'abamonaki, nk'icyitiriwe Mutagatifu Visenti cy'i Voluturuno n'ibindi 2 muri Gole.



Scanned by CamScanner




## 125. PAPA YOHANI WA 11:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Werurwe 931, atanga mu Ukuboza 935. Yagerageje guhosha ubutiriganya bw'umuryango we. N'ubwo ari bo bari baramutoresheje yamaganye ukurengera kwabo. Yapfuye afite imyaka 29, nyuma y'amakuba menshi.



## 126. PAPA LEWO WA 7:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 3/1/936, atanga ku ya 13/7/939. Yavuguruye kandi aboneza imibereho y'abamonaki, ndetse asanisha ikigo cyabo cyo hafi ya Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Pawulo, cyari inyuma y'umugi wa Roma. Yandikiye abepisikopi b'u Bufransa n'u Budage ngo barwanye abarozi n'abapfumu.



## 127. PAPA SITEFANO WA 8:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 14/7/939, atanga mu Ukwakira 942. Yashyigikiye umwami Ludoviko wa 4, abahinzi b'abafra bamwigometseho. Yagerageje no guhindura ibikomangoma byo mu Burasirazuba n'ibyo mu Burengerazuba akoresheje gusa imigenzo y'Ivanjili. Yahuye n'ingorane atewe n'ubutegetsi bw'igitugu bwa Aluberike wa 2.



## 128. PAPA MARINI WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 20/10/942, atanga muri Gicurasi 946. Yabaye intangarugero mu murava igihe cy'imvururu. Yashyigikiye ubugeni, avugurura amashyirahamwe y'ubukungu, atuma Roma yongera kuba umurwa w'umuco wa gipfura. Ni we waboneje amategeko menshi agenga abapadri.



Scanned by CamScanner



## 129. PAPA AGAPITO WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 10/5/946, atanga mu Ugushyingo 955. Yakoze iyo bwabaga ngo aboneze umugenzo w'ubupfura mu bapadiri. Afashijwe n'umwami Oto wa 1 w'u Budage, yashoboye kugarura amahoro mu Butaliyani. Ku ngoma ye, umwami Haroludi wa Danemariki yayobotse ubukristu.



## 130. PAPA YOHANI WA 12:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 16/12/955, atanga ku ya 14/5/964. Yari umunyamwaga n'umunyabwira, aburana uburenganzira bwa Kiliziya bwo kugira umutungo. Ni we wongeye kurema Ingoma Ntagatifu y'inyaroma, yimika umwami w'abami Oto w'u Budage, uretse ko nyuma baje gushwana. Kubera Oto wa 1 uwo, ni bwo hatangiye kubaho abepisikopi b'ibikomangoma.



## 131. PAPA LEWO WA 8:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 6/12/963, atanga ku ya 1/3/965. Yatowe na Oto wa 1 ari ingirwapapa, nyuma y'ukutaremya k'uwamubanjirije n'uwo yasimbuye Papa Benedigito wa 5. Yabujije abalayiki kwinjira mu mazu y'abapadiri igihe cy'imihango.



## 132. PAPA BENEDIGITO WA 5:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 22/5/964, atanga ku ya 4/7/966. Oto yamuciriye mu mugi wa Hamburu kugeza ku rupfu rwa Lewo wa 8. Aho iyo ngirwapapa Lewo wa 8 ipfiriye, Oto wa 1 yanze kwemera Benedigito wa 5 kubera abafra, abagerimaniya n'abanyaroma. Yaguye i Hamburu bavuga ko ari umutagatifu.



Scanned by CamScanner




**133. PAPA YOHANI WA 13:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 1/10/965, atanga ku ya 6/9/972. Abashyigikiye indi politiki bamufunze amezi 10. Yafunguwe bigiwemo na Oto, ari na we wakwije ubukristu muri Polonye no muri Bohemu. Ni we wazanye umugenzo wo guha inzogera umugisha no kuzita amazina.



**134. PAPA BENEDIGITO WA 6:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 19/1/973, atanga muri Kanama 974. Nyuma y'urupfu rwa Oto wa 1, habayeho udutsiko turwanya abanyagerimaniya. Utwo dutsiko tumaze kwigarurira Ingoro yitiriye Mutagatifu Anje ari na ho yari yarahungiye, twaramwicishije. Ni we watumye abanyahungariya bayoboka ubukristu.



**135. PAPA BENEDIGITO WA 7:**

Yavukiye i Roma, atorwa mu Ukwakira 974, atanga ku ya 10/7/983. Yari umuntu ukunda imigenzo myiza maze ahagurukira kurwanya ubusambanyi n'ubujiji byari byibasiye u Butaliyani n'ibihugu by'ubukristu. Yanashyigikiye amajyambere y'ubuhinzi.



**136. PAPA YOHANI wa 14:**

Yavukiye i Pavi, atorwa mu Ukuboza 983, atanga ku ya 20/8/984. Yari umugabo w'imbaduko n'umurava mwinshi, ariko yatowe nyuma y'ubutiriganya bwinshi. Aho agarukiye i Roma, uwitwa Frankone yaramufashe amwicisha inzara muri gereza zo mu Ngoro yitiriwe Mutagatifu Anje.



Scanned by CamScanner



## 137. PAPA YOHANI WA 15:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Kanama 985, atanga muri Werurwe 996. Na we yakubitanye n'imvururu zitewe n'uburyamirane, ahungira muri Tosikane: Ni we wahosheje amakimbirane muri Kiliziya y'i Rensi. Ni we mupapa wa mbere wize imibereho y'umuntu ngo amugire umutagatifu kandi amugira we: uwo ni Mutagatifu Uluderike.



## 138. PAPA GERIGORI WA 5:

Yavukiye i Sagisi, atorwa ku ya 3/5/996, atanga ku ya 1/2/999. Byabaye ngombwa ko ahungira i Pavi, nuko uwitwa Kresenziyo yimika ingirwapapa yitwa Yohani wa 17 wategetse umwaka 1. Ni we washyizeho ibyo gusabira abapfuye. Ni we wimuriye umurambo wa Mutagatifu Lusila muri Kiliziya ya Mutagatifu Mariya i Roma.



## 139. PAPA SILIVESITIRI WA 2:

Yavukiye Overinye mu Bufransa, atorwa ku ya 2/4/999, atanga ku ya 12/5/1003. Yarwanyije cyane ubusambanyi. Kubera ko yari umuntu wize, ni we wazanye ibyo gukoresha imibare ya cyarabu. Ingoma ye ni yo yabayemo umwaka w'igihumbi, wari wariswe umwaka w'urubanza rwa nyuma.



## 140. PAPA YOHANI WA 17:

Yavukiye i Roma, atorwa muri Kamena 1003, atanga mu Ukuboza 1003. Yatowe muri rwaserera yakurikiye urupfu rwa Oto wa 3 wo mu Budage. Inyandiko zivuga iby'ingoma ye ni nke cyane.



Scanned by CamScanner



**141. PAPA YOHANI WA 18:**

Yavukiye i Roma, atorwa muri Mutarama 1004, atanga muri Nyakanga 1009. Yashoboye kunga Kiliziya y'ingereki n'iy'indatini n'ubwo bitamaze kabiri. Yakoze uko ashoboye ahagurukira ko iyobokamana ryogezwa mu nyeshyamba no mu bapagani.



**142. PAPA SERIJE WA 4:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 31/7/1009, atanga ku ya 12/5/1012. Yahinduye izina kubera ko yitwaga Petero. Yagiranye umubano mwiza n'abami b'abami b'iburasirazuba n'ab'iburengerazuba. Yakoze uko ashoboye ngo ace ubusambanyi mu bepisikopi no mu bakuru b'ibigo by'abapadiri ariko birananirana. Yahagaze ku Mva Ntagatifu ntiyasenywa.



**143. PAPA BENEDIGITO WA 8:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 18/5/1012, atanga ku ya 9/4/1024. Kubera ko hari agatsiko karwanyaga itorwa rye, yitabaje Heneriko wa 2 na we aboneraho kwimikirwa i Roma. Yashyizeho amategeko abuza gucuruza ibintu bitagatifu no guca imirwano yo guhiga ubugabo. Ni we washyizeho itegeko ribuza abapadiri kurongora.



**144. PAPA YOHANI WA 19:**

Yavukiye i Roma, atorwa muri Gicurasi 1024, atanga mu 1032. Yimitse umwami w'abami Konuradi wa 2 umunyagerimaniya i Roma. Ntiyigeze ahakwa ku mwami w'i Bizansi. Yanarengeye Guido w'Arezo, uyu wahimbye amanota 7 akoreshwa mu ndirimbo.



## 145. PAPA BENEDIGITO WA 9:

Yavukiye i Roma, atorwa mu 1032, yicazwa mu 1044. Yagiye ku ngoma afite imyaka 12. Umwami wa Boheme yagombye kuzana ibisigazwa bya Mutagatifu Adalubereti i Prage. Benedigito yahungiye muri monasiteri y'ahitwa Grotaferata. Yatorewe kuba Papa inshuro eshatu.



## 146. PAPA SILIVESITIRI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 20/1/1045, atanga ku ya 10/3/1045. Yafashe umwanya wa Papa Benedigito wa 9 by'igihe gito, bituma amuca amwita ingirwapapa. N'ubwo yatowe mu bintu bidasobanutse neza, Kiliziya ivuga ko itorwa rye ryemewe. Nta wuzi imipfire ye.



## 147. PAPA BENEDIGITO WA 9:

Yatowe bwa kabiri ku ya 10/4/1045, yegura ku ya 1/5/1045. Yongeye kumeneshwa nyuma y'imyinsi 20, azize inyungu za politiki n'iz'ubukungu, kimwe n'izindi zimeze nka ruswa.



## 148. PAPA GERIGORI WA 6:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 5/5/1045, atanga ku ya 20/12/1046. Yibye ingoma ya Benedigito wa 9. Ubwe yayoboye igitero ngo akumire abari bamuteye. Byabaye ngombwa ko yegura. Ni we wa mbere waremye umutwe w'ingabo za Papa.



Scanned by CamScanner



## 149. PAPA KILIMENTI WA 2:

Yavukiye i Sagisi, atorwa ku ya 25/12/1046, atanga ku ya 9/10/1047. Yahangayikishijwe n'ubutegetsi bw'abepisikopi b'ibikomangoma bahoraga barwana n'abagaragu babo. Yashoboye gutsimbura umwepisikopi wa Milano witwaga Aliberiti. Ni we washyize mu Batagatifu Viborata, umumariti w'umunyahungariya. Byabereye mu Budage.



## 150. PAPA BENEDIGITO WA 9:

Yatowe bwa gatatu ku ya 1/7/1047, arongera aregura, atanga ku ya 17/7. Yeguye nyuma y'amezi 8, abigiriwemo inama na Mutagatifu Barutolomayo. Nyuma y'imibereho idashobotse, yinjiye mu bihayimana mu kigo cyitiriwe Mutagatifu Bazili i Grotaferata, aba ari ho agwa kandi ashyingurwa.



## 151. PAPA DAMASI WA 2:

Yavukiye muri Baviyeri, atorwa ku ya 17/7/1048, atanga ku ya 9/8/1048. Yumviye umwami w'abami Heneriko wa 3 wo mu Budage, afata umwanya wa Benedigito wa 9, nyuma y'uko Musenyeri Aliyarido, umwepisikopi wa Liyo yanze kuba Papa. Yitaruriye muri Palesitina aba ari ho agwa.



## 152. MUTAGATIFU LEWO WA 9:

Yavukiye muri Lorene, atorwa ku ya 12/3/1049, atanga ku ya 18/4/1057. Yitorewe n'abaturage n'abapadiri b'i Roma. Yageze i Roma, ashaka kwinjira mu mugi agendesha ibirenge gusa by'ikimenyetso cyo kwicisha bugufi. Ni we waciye Mikayile Ceruleri wateye ubwitandukanye bwa Kiliziya yo mu Bugereki n'iy'i Roma, bukiriho n'ubu.



Scanned by CamScanner



## 153. PAPA VIGITORO WA 2:

Yavukiye muri Baviyeri, atorwa ku ya 16/4/1055, atanga ku ya 28/6/1057. Yatowe hashize umwaka nta Papa uriho. Berenge yihakanye ubukristu ku ngoma ye. Yahaye umwami Heneriko wa 3 umugisha yapfuye. Yateye ikirenge mu cy'uwamubanjirije, ateza imbere ubukungu bwa Kiliziya.



## 154. PAPA SITEFANO WA 9:

Yavukiye i Lorene, atorwa ku ya 3/8/1057, atanga ku ya 29/3/1058. Kuva yatorwa, yaharaniye kuvugurura imyifatire y'abapadiri. Yishyiriyeho abajyanama bakomeye kandi b'ibirangirire ngo bamufashe muri politiki. Ni we wabujije ko abantu bo mu muryango umwe bashyingiranwa.



## 155. PAPA NIKOLA WA 2:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 24/1/1059, atanga ku ya 27/7/1061. Yakoranyije inama ya sinodi i Roma, abuza kuzongera gushyiraho abepisikopi badafite uruhusa rwa Papa, anategeka ko Papa azajya atorwa n'abakaridinali gusa.



## 156. PAPA ALEGISANDERI WA 2:

Yavukiye i Milano, atorwa ku ya 1/10/1061, atanga ku ya 21/4/1073. Ingoma ye yibanze ku iyobokamana kurusha politiki. Yagobotse mu ivugurura ry'abapadiri mu Bufaransa. Kubera ko umwami wo mu Budage atamwemeye, Heneriko wa 4 yamwimikiyeho Honoriyusi wa 2, bikurura imvururu n'intambara.



Scanned by CamScanner



157. MUTAGATIFU GERIGORI WA 7:

Yavukiye i Tosikane, atorwa ku ya 22/4/1073, atanga ku ya 25/5/1085. Muri Konsili yaciye iteka ry'uko Papa ari we muntu w'ikirenga ku isi, nta wushobora kumucira urubanza, ko ari we wenyine ushobora gukura iteka. Heneriko wa 4 yaraciwe, yambara nk'abamonaki, ajya i Kanosa asaba Papa imbabazi mu minsi 3 n'amajoro 3.



158. MUTAGATIFU VIGITORI WA 3:

Yavukiye i Montekasino, atorwa ku ya 24/5/1086, atanga ku ya 16/9/1087. Hashize iminsi 4 atowe, yahungiye i Montekasino. Yongeye gushyirwaho bwa 2, bamugarura i Roma ku ngufu, baramwimika. Yaciye ingirwapapa yitwaga Kilimenti wa 3, ingoro ye ayubaka ku kirwa cya Tiberine.



159. MUTAGATIFU URUBANI WA 2:

Yavukiye mu Bufransa, atorwa ku ya 12/3/1088, atanga ku ya 29/7/1099. Inama yo kumutora yabereye i Veletri kuko i Roma hari hicaye ingirwapapa yitwaga Kilimenti wa 3. Yashoje intambara n'abatari abayoboke b'ubukristu, agaba n'igitero cya mbere cy'abanyamusaraba. Ni we washyizeho umugenzo wo guhagarika imirwano ngo babanze bahambe abapfuye.



160. PAPA PASIKARI WA 2:

Yavukiye i Biyeda, atorwa ku ya 14/8/1099, atanga ku ya 21/1/1118. Intambara yo kurwanira ubukuru hagati ya Papa n'umwami w'abami yatumye ahunga. Heneriko wa 5 yashoboye kwiyimikisha ku ngoma ye, i Roma bubaka Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Mariya wa rubanda, abanyaroma bakayibonamo ishusho ya Nero.



Scanned by CamScanner



## 161. PAPA GELASI WA 2:

Yavukiye i Gayete, atorwa ku ya 10/3/1118, atanga ku ya 28/1/1119. Icyigomeke Cenciyo Frangipane cyamutereye muri Kiliziya y'i Laterani, kiramufunga. Yaje kubohorwa n'abasare, ahungira i Gayete, nuko yiyoberanya mo umugenzi, asubira i Roma. Nyuma yimukiye i Kluni.



## 162. PAPA KALISITI WA 2:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 8/2/1119, atanga ku ya 13/12/1124. Amasezerano y'i Worume yemereraga Papa gushyiraho abepisikopi ni bwo yashyizweho umukono. Ni we watumiye Konsili ya 9, agaba n'igitero cya 2 cy'abanyamusaraba.



## 163. PAPA HONORIYUSI WA 2:

Yavukiye i Fiyanyano, atorwa ku ya 21/12/1124, atanga ku ya 13/2/1130. Yagiranye umubano mwiza n'abami b'i Burayi hafi ya bose agira ngo bafatanye kurwanya abasaraze. Ku ngoma ye, ni bwo mu Butaliyani havutse amashyaka 2, rimwe rishyigikiye Papa, n'irindi rigishyigikiye umwami w'abami.



## 164. PAPA INOSENTI WA 2:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 23/2/1130, atanga ku ya 24/9/1143. Yapfuye gutorwa, ahita ahunga. Lotariyo w'i Sasoni ni we wamugaruye i Roma, amusoma ibirenge, inkweto ye y'icyubahiro ayitwara mu mutambagiro mu mwanya w'imihango y'iyimikwa isanzwe. Ni we wahamagaje Konsili ya 10.



Scanned by CamScanner



**165. PAPA SELESITINI WA 2:**

Yavukiye i Cita di Castello, atorwa ku ya 3/10/1143, atanga ku ya 8/3/1144. Abifashijwemo na Mutagatifu Berenarudo, yahosheje intambara zahoraga muri Kiliziya. Yagerageje guhosha intambara yari hagati ya Ekose n'u Bwongereza, ariko mu Butaliyani ntibamukundira. Ni we wakuye iteka ryo guca Ludoviko wa 7.



**166. PAPA LUKIYUSI WA 2:**

Yavukiye i Bulomye, atorwa ku ya 12/3/1144, atanga ku ya 15/2/1145. Yategetse muri rwaserera yatewe n'Arnoldi wa Breshiya. Yapfuye akigerageza kugusha neza rubanda rwari rwivumbagatanyije.



**167. UMUNYAHIRWE EWUJENI WA 3:**

Yavukiye i Montemanyo, atorwa ku ya 18/2/1145, atanga ku ya 18/7/1153. Inshuro nyinshi byabaye ngombwa ko ahunga akava i Roma. Ni we wohereje igitero cya 2 cy'abanyamusaraba. Ni we washyizeho inteko y'ibyegera bya Papa, atangiza n'imirimo yo kubaka ingoro ya Papa.



**168. PAPA ANASITAZI WA 4:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 12/7/1153, atanga ku ya 3/12/1154. Ikirangirire Nikola Brikiperi, hanyuma Adriyani wa 4 bamubereye abajyanama. Kubera ubugwaneza bwe, yashoboye kugarura ituze mu ntara zategekwaga na Kiliziya.



Scanned by CamScanner



### 169. PAPA ADRIYANI WA 4:

Yavukiye i Langeleyi mu Bwongereza, atorwa ku ya 5/12/1154, atanga ku ya 1/9/1159. Yarwanye ku butegetsi bw'ikirenga bwa Papa. Mu mubonano w'i Sutri, umwami Baruberuse ntiyakomeye yombi Papa, Papa na we yanga kumuhobera by'ikimenyetso cy'imbabazi, cyakora Papa yaje kwisubiraho amwimikaho umwami w'abami. Arnolidi wa Breshiya ni bwo yapfuye atariwe ku muriro.



### 170. PAPA ALEDISANDERI WA 3:

Yavukiye i Siyeni, atorwa ku ya 20/9/1159, atanga ku ya 20/8/1181. Yaciye umwami witwa Barberousse amufungira amasakramentu kubera ibikorwa bye bidahwitse. Ni we watumiye Konsili ya 11.



### 171. PAPA LUCIYUSI WA 3:

Yavukiye i Luke, atorwa ku ya 6/9/1181, atanga ku ya 25/9/1185. Yihutiye gushyiraho itegeko ribwiriza abami bose kurwanya ubuhakanyi bihanukiriye. Kubera imvururu zikaze, yagombye guhungira i Verone, ava i Roma.



### 172. PAPA URUBANI WA 3:

Yavukiye i Milano, atorwa ku ya 1/12/1185, atanga ku ya 20/10/1187. Yatorewe i Verone, ahita ahagira icyicaro cya PAPA. Na we yarwanyije Barberousse, nuko aza kwicwa n'agahinda kubera ko abasaraze bari bigaruriye Yeruzalemu.



Scanned by CamScanner



## 173. PAPA GERIGORI WA 8:

Yavukiye i Benevento, atorwa ku ya 25/10/1187, atanga ku ya 17/12/1187. Yatorewe ahitwa i Ferrara. Iyo aza kuramba ku ngoma, wenda yari guhosha amahane yari hagati ya Kiliziya n'ingoma, kuko Barberousse yamwikundiraga. Yarengeye abakristu bo mu Gihugu Gitagatifu, abarinda abataye ukwemera.



## 174. PAPA KILIMENTI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 20/12/1187, atanga muri Werurwe 1191. Ni we wagaruye amahoro i Roma, kuko hari hashize imyaka 60, abapapa bagomba kuyigendera kure. Ni we watangaje igitero cya gatatu cy'abanyamusaraba, umwami Rishari Mutima w'Intare w'u Bwongereza yarwanyemo.



## 175. PAPA SELESITINI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 14/4/1191, atanga ku ya 8/1/1198. Ni we warwanye ku kudaseswa ku isakramentu ry'Ugushyingirwa. Yemeye iremwa ry'umutwe w'ingabo wari ushinzwe kurengera abakora urugendo rutagatifu mu Gihugu Gitagatifu.



## 176. PAPA INOSENTI WA 3:

Yavukiye ahitwa Ananyi, atorwa ku ya 22/2/1198, atanga ku ya 16/7/1216. Kubera ko yari umuntu uzi ubwenge, yabaye ingirakamaro cyane. Ni we wasubijeho ubutegetsi bwa Papa mu bihugu byahoze bitegekwa n'abapapa. Ni we wateguye Igitero cya 4 cy'abanyamusaraba. Ni we wemeye ishingwa ry'imiryango y'Abadominikani n'Abafransisikani. Ni we watumiye Konsili ya 12.



Scanned by CamScanner



## 177. PAPA HONORIYUSI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 24/7/1216, atanga ku ya 18/3/1227. Ni we waboneje uburenganzira bw'abapapa n'ibyerekeye itorwa ryabo. Ni we wateguye Igitero cya 5 cy'abanyamusaraba afatanyije n'umwami Andreya wa Hungariya. Afatanyije na Yohani wa 1 umwami wa Suwedi, ubukristu bwarasagambye bugera muri Esitoniya.



## 178. PAPA GERIGORI WA 9:

Yavukiye Ananyi, atorwa ku ya 21/3/1227, atanga ku ya 22/8/1241. Yaciye umwami Fererderiko wa 2 amufungira amasakramentu amuhoye imyifatire ye mibi. Ni we wanditse ba Mutagatifu Antoni, Fransisiko na Dominiko mu gitabo cy'abatagatifu. Ni we washyizeho amasengesho dukunze kwita "buribyari". Yateguye Igitero cya 6 cy'abanyamusaraba.



## 179. PAPA SELESITINI WA 4:

Yavukiye i Milano, atorwa ku ya 28/10/1241, atanga ku ya 10/11/1241. Kubera ko abakaridinali bari bananiwe kumvikana mu itora rye, Inama Nkuru ya Roma yabafungiranye mu ngoro y'i Setizoniyo ku musozi wa Celiyo. Ijambo "Conclave" risobanura abakoraniye gutora Papa ni ho ryakomotse.



## 180. PAPA INOSENTI WA 4:

Yavukiye i Jene, atorwa ku ya 28/6/1243, atanga ku ya 7/12/1254. Yatorewe Ananyi hashize imyaka 2 nta Papa uriho. Yari umuhanga mu mategeko ya Kiliziya. Ni we watumiye Konsili ya 13. Ni we washyizeho umunsi mukuru wa Bikira Mariya ajya gusuhuza Elizabeti. Ni we wateguye Igitero cya 7 cy'abanyamusaraba afatanyije na Mutagatifu Ludoviko umwami w'u Bufransa.



Scanned by CamScanner



**181. PAPA ALEGISANDERI WA 4:**

Yavukiye Ananyi, atorwa ku ya 20/12/1254, atanga ku ya 25/5/1261. Yakoze inyandiko zerekeye ubushishozi mu manza za rubanda. Ni we wanditse Mutagatifu Karara mu gitabo cy'abatagatifu, yemeza ko n'ibikomere bishushanya ibya Yezu byagaragaye kuri Mutagatifu Fransisiko ari imvaho. Ni we washyizeho amategeko yo gusuzuma ubuhakanyi, aca n'abihangishijeho ibyo kwikubita ngo bishushanya na Yezu.



**182. PAPA URUBANI WA 4:**

Yavukiye i Troyi mu Bufransa, atorwa ku ya 4/9/1261. Gutorwa byaramutunguye, kuko yari yagiye aho batorera ajyanywe no kuyoboka Papa uri butorwe. Yatanze ku ya 2/10/1264. Yashyizeho umunsi mukuru w'umubiri wa Nyagasani uba hashize iminsi 60 Pasika ibaye. Ni we watangiye kwandika imibare ku nyandiko za Kiliziya.



**183. PAPA KILIMENTI WA 4:**

Yavukiye i Saint Gilles mu Bufransa, atorwa ku ya 15/2/1265, atanga ku ya 29/11/1268. Yaciye Konuradi, umwami wa Suwedi amufungira amasakramentu, ariko ntiyabuza ko Roma na Napule bifatwa. Mbere yo kuba padiri na musenyeri, yabanje kuba umuntu urangwa n'amaraha. Yabaye ahitwa i Viteribe aba ari ho agwa.



**184. UMUNYAHIRWE GERIGORI WA 10:**

Yavukiye i Plezanse, atorwa ku ya 27/3/1272, atanga ku ya 10/1/1276. Nyuma y'imyaka 3 nta Papa uriho kubera ubwumvikane buke bwaranze abagombaga gutora bari bateraniye i Viteribe, abaturage bavanyeho igisenge cy'inzu ya Papa, ubundi bazirika umukanda abakaridinali, ngo bagire icyo bemeza. Ni we watumiye Konsili ya 14.



Scanned by CamScanner



### 185. UMUNYAHIRWE INOSE-NTI WA 5:

Yavukiye i Sitro, atorwa ku ya 22/2/1276, atanga ku ya 22/6/1276. Inama yo kumutora yabereye mu muhezo ukomeye. Yamamaje ubukristu kugera hafi mu Bushinwa. Yabatije intumwa Igihangange Kani yari yamutumyeho.



### 186. PAPA ADRIYANI WA 5:

Yavukiye i Jene, atorwa ku ya 10/7/1276, atanga ku ya 18/8/1276 amaze iminsi 39 gusa ku ngoma, ndetse ataranimikwa. Ni we waboneje amategeko ya Kiliziya. Ni we wahagaritse amategeko agenga abatora Papa yari yashyizweho na Gerigori wa 9.



### 187. PAPA YOHANI WA 21:

Yavukiye muri Porutugali, atorwa ku ya 20/9/1276, atanga ku ya 20/5/1277. Umwami Alufonsi wa Porutugali yamwemereye kubahiriza umutungo wa Kiliziya n'uw'abapadiri. Yahitanywe n'isenyuka ry'ingoro ya Papa y'i Viteribe.



### 188. PAPA NIKOLA WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 26/12/1277, atanga ku ya 22/8/1280 mu ngoro ye y'i Soriyano deli Cimino. Ni we Papa wa mbere watuye i Vatikani kuburyo buhoraho, anatunganya ubusitani bwaho bwabaye icyamamare. Yohereje abamisiyoneri bo kwigisha abami b'abatarite.



Scanned by CamScanner





**189. PAPA MARITINI WA 4:**

Ni umufransa. Yatowe ku ya 23/3/1281, atanga ku ya 28/3/1285. Yagerageje kubumbira hamwe mu rukundo abategetsi b'icyo gihe. Ku ngoma ye ni bwo hadutse kuririmba amasengesho ya buribyari ya nimugoroba.

**190. PAPA HONORIYUSI WA 4:**

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 20/5/1285, atanga ku ya 3/4/1287. Umurimo we wa mbere wabaye gushyira umutekano mu bihugu bya Papa. Yateye inkunga kaminuza y'i Pari, agerageza no gushyikirana na Kiliziya yo mu Bugereki. Yagerageje kugirana amasezerano n'abayisilamu. Ni we wemeye umuryango w'Abakarumelita.





**191. PAPA NIKOLA WA 4:**

Yavukiye Asikoli, atorwa ku ya 22/2/1288, atanga ku ya 4/4/1292. Ni we wagaruye umutekano ibwami muri Porutugali. Yateye inkunga amashuri, ashinga na kaminuza y'i Mopeliye. Yimirije imbere iyogezabutumwa, arwanya n'abasaraze i Jene. Ni we mufransisikani wa 1 wabaye Papa.

**192. MUTAGATIFU SELESITINI WA 5:**

Yavukiye i Jsereniya, atorwa ku ya 29/8/1294, atanga ku ya 19/5/1296. Kubera ko yari umuntu uca mu kuri kandi wiyoroshya, yeguye ku bupapa abonye ko agiye kuba igikoresho cy'abakomeye. Ni we wemeje ko Papa ugitorwa ashobora kwegura.



Scanned by CamScanner





**193. PAPA BONIFASI WA 8:**

Yavukiye Ananyi, atorwa ku ya 24/12/1294, atanga ku ya 11/10/1303. Yabaye umupapa w'ikirangirire. Ni we wahimbaje bwa mbere umwaka mutagatifu mu 1300, ukajya uhimbazwa buri myaka 100. Ni we washinze kaminuza y'i Sapienza i Roma.

**194. UMUNYAHIRWE BENEDIGITO WA 11.**

Yavukiye i Trevise,atorwa ku ya 27/10/1303, atanga ku ya 7/7/1304. Ni we wakemuye impaka u Bufransa bwari bufitanye no kwa Papa. Yatotejwe n'agatsiko k'abagambanyi, apfa azize uburozi bamuhereye mu mbuto bari bamutuye.





**195. PAPA KILIMENTI WA 5:**

Yavukiye i Wilodro, mu Bufaransa, atorwa ku ya 14/11/1305, atanga ku ya 20/4/1314. Yimikiwe i Liyo, maze kubera Filipo bitaga Umwiza, yimurira Intebe ya Papa ahitwa Avinyo, bimara imyaka 70 yose. Ni we watumiye Konsili ya 15, anashinga kaminuza y'i Ogusifodi.

**196. PAPA YOHANI WA 22:**

Yavukiye i Kahori mu Bufransa, atorwa ku ya 5/9/1316, atanga ku ya 4/12/1334. Yatorewe i Liyo hashize imyaka 2 nta Papa uriho. Ni we washyizeho umunsi mukuru w'Ubutatu Butagatifu, n'Urukiko Rusesa Isakramentu ry'Ugushyingirwa, yubakisha n'Ingoro ya Papa Avinyo. Yateye inkunga abamisiyoneri bagiye muri Seyilani no muri Nubiya.



Scanned by CamScanner



**197. PAPA BENEDIGITO WA 12:**

Yavukiye i Saveride mu Bufransa, atorwa ku ya 8/1/1335, atanga ku ya 25/4/1342. N'ubwo umwami Filipo wa 6 yamutegetse gutura mu Bufransa, yajyaga akemura n'ibibazo by'i Roma. Ni we wategetse abasenyeri gutura ahantu hamwe, avugurura n'imiryango y'Ababenedigitini, Abafransisikani n'Abadominikani.



**198. MUTAGATIFU KILIMENTI WA 6:**

Yavukiye i Momo mu Bufransa; atorwa ku ya 19/5/1342, atanga ku ya 6/12/1352. Yari umuntu wize kandi ugira neza. Yaguze umugi w'Avinyo amaflore 18.000 bya zahabu. Yarwanye ku bayahudi, imyaka mitagatifu ayigira buri myaka 50, ahimbaza umwaka mutagatifu wa 2 mu 1350.



**199. PAPA INOSENTI WA 6:**

Yavukiye i Bresamo mu Bufransa, atorwa ku ya 30/12/1352, atanga ku ya 12/9/1362. Yatunganyije imitegekere ya Leta ya Papa akoresheje umusipanyoli witwa Aluboroze. Yarengeye ubugeni n'umuco umugi w'Avinyo awuzengurutsa urukuta.



**200. UMUNYAHIRWE URUBANI WA 5:**

Yavukiye mu Bufransa, atorwa ku ya 6/11/1362, atanga ku ya 19/12/1379. Yagerageje gusubira i Roma, ariko nyuma y'imyaka 3 y'imvururu, yigarukira Avinyo. Ni we wongeyeho igika cya 3 ku ikamba rya Papa, gisobanura ubutegetsi bw'umwami w'abami, naho icy'ubw'umwami, n'icya mbere, ubwa roho.



Scanned by CamScanner




**201. PAPA GERIGORI WA 11:**

Yavukiye i Momo mu Bufransa, atorwa ku ya 5/1/1371, atanga ku ya 26/3/1378. Kubera Mutagatifu Gatalina w'i Siyeni, yasubije icyicaro cya Papa i Roma. Inama Nkuru y'i Roma yamuhaye igice cy'umusozi wa Vatikani ho ishimwe. Ni we washyize Kiliziya ya Mutagatifu Mariya Mukuru mu rwego rwa Kiliziya nkuru zironkerwamo indulugensiya za yubile.



**202. PAPA URUBANI WA 6:**

Yavukiye i Napule, atorwa ku ya 18/4/1378, atanga ku ya 15/10/1389. Ni bwo itora rya Papa ryabereye ubwa mbere i Vatikani. Kubera ko atavaga ku izima ntiyashoboye kurwanya ingirwapapa z'Avinyo zateye amacakubiri yo mu Burengerazuba yamaze imyaka 40.



**203. PAPA BONIFASI WA 9:**

Yavukiye i Napule, atorwa ku ya 9/11/1389, atanga ku ya 1/10/1404. Ntiyashoboye guhosha amacakubiri. Ingirwapapa ya 2 y'Avinyo yanze ko bigorora. Yahimbaje Umwaka Mutagatifu wa 3 n'uwa 4 mu 1390 no mu 1400.



**204. PAPA INOSENTI WA 7:**

Yavukiye i Silimona, atorwa ku ya 11/11/1404, atanga ku ya 6/11/1406. Yari umuntu wize, ariko ugasanga nta marere yo gutegeka yifitiye. Yakoze uko ashoboye ngo ahoshe amacakubiri kandi akemure ibibazo Kiliziya yari ifite, ariko biranga biramunanira. Yaguye amashuri y'ikigereki n'ay'ubuvuzi.



Scanned by CamScanner



## 205. PAPA GERIGORI WA 7:

Yavukiye i Venize, atorwa ku ya 19/12/1406, atanga ku ya 18/10/1417. Ingoma ye yahuriranye n'uko amacakubiri y'i Burengerazuba yari akaze. Icyo gihe hashyizweho ahantu hakuru hatatu: i Roma, Avinyo n'i Pizi. Umwami w'abami Sigisimondi yatumije Konsili ya 16, Papa aregura.



## 206. PAPA MARITINI WA 5:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 21/11/1417, atanga ku ya 20/2/1431. Yarwanye ku bugeni, igihe hari hatangiye ivugurura. Yahimbaje Umwaka Mutagatifu wa 5 mu 1423, maze biba ubwa mbere bakinguye Urugi Rutagatifu muri Kiliziya nkuru ya Mutagatifu Yohani w'i Laterani.



## 207. PAPA EWUJENI WA 4:

Yavukiye i Venize, atorwa ku ya 11/3/1431, atanga ku ya 23/2/1447. Yatumiye Konsili ya 17 i Bale, ariko kubera ubwoba ibanza kubera i Ferare, hanyuma ajya i Floranse. Kubera ko bemeje ubutegetsi bw'ikirenga Papa afite kuri Konsili, byatumye hatorwa ingirwapapa yitwa Feligisi wa 5, cyakora iba ari yo ya nyuma.



## 208. PAPA NIKOLA WA 5:

Yavukiye i Sarizana, atorwa ku ya 19/3/1447, atanga ku ya 24/3/1455. Ni we watangije imirimo yo kubaka Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Petero. Ni we wavuguruye imitegekere y'u Bufransa n'u Bwongereza. Yateye inkunga Hisipaniya, imenesha abasaraze. Ni we washinze inzu y'ibitabo y'i Vatikani. Ni we wahimbaje Umwaka Mutagatifu wa 6 mu 1450.



Scanned by CamScanner



## 209. PAPA KALISITI WA 3:

Yavukiye i Jativa muri Hisipaniya, atorwa ku ya 20/8/1455, atanga ku ya 6/8/1458. Ni we washyizeho umugenzo wo kuvuza inzogera saa sita. Yatumye ubukristu busagamba muri Suwedi, Noruveji na Danemarike. Ni we washyizeho umunsi mukuru w'Ukwihindura ukundi kwa Nyagasani.



## 210. PAPA PIYO WA 2:

Yavukiye i Siyeni, atorwa ku ya 3/9/1458, atanga ku ya 15/8/1464. Kugira ngo afashe intara zari zarakandamijwe n'abanyaturukiya, yemereye i Mantove ukwishyirahamwe kw'abami b'u Bufransa, Burugonye, Hungariya na Venize. Yapfuye ajya mu ntambara ntagatifu.



## 211. PAPA PAWULO WA 2:

Yavukiye i Venize, atorwa ku ya 16/9/1464, atanga ku ya 26/7/1471. Ni we wemeje ko abakaridinali ari bo bazajya bambara ka kagofero k'amahembe bonyine. Kugira ngo buri gisekuru gishobore kuronka imbabazi, buri myaka 25 yashyizeho umwaka mutagatifu; ni na bwo batangiye gukoresha ijambo "yubile".



## 212. PAPA SIGISITI WA 4:

Yavukiye i Savone, atorwa ku ya 25/8/1471, atanga ku ya 12/8/1484. Yari yaratwawe n'ibya politiki no gushyigikira abanyabwenge. Ni we wahimbaje yubile ya 7 mu 1475, ategeka ko izageza kuri Pasika ya 1476. Ni we washyize umunsi wa Yozefu Mutagatifu kuri 19/3. Ni we wubakishije shapeli yitwa Sigisitine, uwitwa Mikelanje aba ari we uyitaka.



Scanned by CamScanner





**213. PAPA INOSENTI WA 8:**

Yavukiye i Jene, atorwa ku ya 12/9/1484, atanga ku ya 25/7/1492. Yashoboye guhosha amahane mu bihugu by'ibigatolika. Yarwanyije icuruzwa ry'abacakara. Yafashije Kristofe Kolo mu byerekeye kuvumbura igisi cy'Amerika.

**214. PAPA ALEGISANDERI WA 6:**

Yavukiye i Jativa muri Hisipaniya, atorwa ku ya 26/8/1492, atanga ku ya 18/8/1503. Ni we wahimbaje yubile ya 8 mu 1500. Ni we wakinguye bwa mbere icyo bita Urugi Rutagatifu muri za Kiliziya zitiriwe Batagatifu Petero, Pawulo na Mariya Mukuru.





**215. PAPA PIYO WA 3:**

Yavukiye i Siyeni, atorwa ku ya 8/10/1503, atanga ku ya 18/10 z'uwo mwaka. Kubera amagara ye mabi, misa y'iyimikwa rye yayisomye yicaye. Ingoma ye yamaze iminsi 10 gusa.

**216. PAPA YULI WA 2:**

Yavukiye i Savone, atorwa ku ya 26/11/1503, atanga ku ya 21/2/1513. Yarwanye ku bugeni no ku mashuri, ataka Roma ayigira umugi w'agatangaza yifashishije abanyabugeni bazwi cyane, ari bo Rageyeli na Mikelanje. Ni we wahamagaje Konsili ya 18; ni na we watumye imirimo yo kubaka Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Petero irangira.



Scanned by CamScanner



## 217. PAPA LEWO WA 10:

Yavukiye i Floranse, atorwa ku ya 19/3/1513, atanga ku ya 1/12/1521. Ntabwo yahise abona ko inyigisho za Maritini Luteri zizatera ingorane. Ni we washinze Imisozi Mitagatifu n'ibiro byo kuguriza ufite icyo atangaho ingwate.



## 218. PAPA ADRIYANI WA 6:

Yavukiye Utreshi mu Buholandi, atorwa ku ya 31/8/1522 atabizi kuko yari umwepisikopi wa Toritona, atanga ku ya 14/9/1523. Yahagurukiye abateraga imvururu muri Kiliziya kimwe n'abanyaturukiya, ariko ntiyagira icyo ageraho.



## 219. PAPA KILIMENTI WA 7:

Yavukiye i Floranse, atorwa ku ya 26/11/1523, atanga ku ya 25/9/1534. Ntiyashoboye guhosha intambara zarose hagati y'abagatolika n'abari bashyigikiye Luteri.. Imvururu z'i Roma n'ibyorezo byatumye isigara ituwe n'abantu ibihumbi 30. Heneriko wa 8 yafungiwe amasakramentu, yihakana ubukristu. Papa Kilimenti wa 7 ni we wahimbaje yubile ya 9 mu 1525.



## 220. PAPA PAWULO WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 3/11/1534, atanga ku ya 10/11/1549. Yarwanye cyane ku muco no ku bugeni, agira Mikelanje umwubatsimuhanzi wa Kiliziya ya Mutagatifu Petero. Ni we wemeye umuryango w'abayezuwiti, atumira na Konsili ya 19.



Scanned by CamScanner



## 221. PAPA YULI WA 3:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 22/2/1550, atanga ku ya 23/3/1555. Mu ikingura rya Konsili y'i Tarante, yakomeje kurwanya inyigisho za Luteri. Yoherereje intumwa mu Bwongereza kugira ngo ijye gusubizaho imihango gatolika, igihe Mariya Tudoro yari agiye ku ngoma. Ni we wahimbaje yubile ya 10 mu 1550.



## 222. PAPA MARISELI WA 2:

Yavukiye i Montepulciano, atorwa ku ya 10/4/1555, atanga ku ya 1/5/1555. Ni we mupapa wa nyuma wagumanye izina rye bwite rya batisimu. Yategetse ko mu butegetsi bw'i Roma, hakoreshwa umukanda n'ubutabera. Yitaye by'umwihariko ku bwoko bw'abarusiya n'abamongoli. Uwitwa Petero-Ludoviko w'i Palesitina yahimbye "Misa yitiriwe Papa Mariseli" ku ngoma ye.



## 223. PAPA PAWULO WA 4:

Yavukiye i Napule, atorwa ku ya 26/5/1555, atanga ku ya 18/8/1559. Yahinduye uburyo bwo kwambara, anarwanya ubuyobe bwa Luteri. Yategetse abayahudi gutura ukwabo.



## 224. PAPA PIYO WA 4:

Yavukiye i Milano, atorwa ku ya 6/1/1560, atanga ku ya 9/12/1565. Ni we wongeye gutumiza Konsili y'i Tarante aranayisoza. Yagize uruhare mu gutuma intara za Piyemo zisubizwa Emanweli Filibereti, bityo Savuwa ijya ku butaka bw'u Butaliyani. Yababariye abanyabyaha bose.

Scanned by CamScanner



## 225. MUTAGATIFU PIYO WA 5:

Yavukiye ahitwa Bosiko, atorwa ku ya 8/1/1566, atanga ku ya 1/5/1572. Yarwanye ku muco w'igihugu, ngo abone uko akumira ubuyobe. Ni we wafungiye amasakramentu Elizabeti w'u Bwongereza. Ni we watumye abakristu batsinda abasaraze ahitwa i Lepante. Ni we washyizeho ibyo gukoresha Miseli ndomani.



## 226. PAPA GERIGORI WA 8:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 25/5/1572, atanga ku ya 10/4/1585. Ni we wakinguye semineli i Viyene, i Prage, i Gratsi no muri Yapani. Ni we wahimbaje Yubile ya 11 mu 1575. Ni we wavuguruye ibyekereye karendali, maze itariki ya 4/10/1582, ihita iba iya 15, iminsi yo hagati ntiyigera ibaho.



## 227. PAPA SIGISITI WA 5:

Yavukiye i Grotamare, atorwa ku ya 1/5/1585, atanga ku ya 27/8/1590. Yakoze ivugurura rya Kiliziya, kandi agakunda ibintu biciye ku murongo. Ni we watumye imirimo yo kubaka umunara wa Kiliziya ya Mutagatifu Petero n'inkingi yo ku rubuga rwamwitiriwe yuzura. Ni we wubakishije Ingoro ya Papa y'ubu agira ngo atwikire neza amadarajya matagatifu (Ingazi Ntagatifu).



## 228. PAPA URUBANI WA 8:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 15/9/1590, atanga ku ya 27/9/1590. Yari umuntu ugwa neza kandi wuje urukundo. Yari agambiriye gukurikiza amabwiriza ya Konsili ya Tarante, ariko indwara y'umuriro imuvuga umwe. Umutungo yawuraze ibigo byitangira urukundo. Yatanze amaze iminsi 13 gusa ku ngoma.



Scanned by CamScanner



## 229. PAPA GERIGORI WA 14:

Yavukiye i Kremoni, atorwa ku ya 8/12/1590, atanga ku ya 16/10/1591. Yari umuntu w'inyanzi kandi utazi uburiganya, bariko abeshywa n'abajyanama babi. Yemeje ubuhungiro muri za ambasade z'intumwa za Papa, afungira Heneriko wa 4 amasakramentu kubera ko yari ashyigikiye abanyavugurura, hanyuma akihakana Kiliziya Gatolika.



## 230. PAPA INOSENTI WA 9:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 3/11/1591, apfa atarwaye ku ya 30/11/1591. Yashoboye kurwanya icyorezo cyari cyateye, arwanya n'amabandi n'utundi dutsiko tw'ibyigomeke.



## 231. PAPA KILIMENTI WA 8:

Yavukiye i Floranse, atorwa ku ya 9/2/1592, atanga ku ya 3/3/1605. Yashoboye gushyira amahoro hagati y'u Bufransa na Hisipaniya. Ni we wahimbaje yubile ya 12 mu 1600. Ni we waboneje iby'amasaha 40. Ku ngoma ye, ni bwo Maderno yabaje ishusho ya Mutagatifu Sisiliya, umurinzi w'abaririmbyi, nk'uko yari yamubonye bakimara kuvumbura imva ye.



## 232. PAPA LEWO WA 11:

Yavukiye i Floranse, atorwa ku ya 10/4/1605, atanga ku ya 27/4 k'uwo mwaka. Yari inyanzi ihebuje, ikaba n'icyamamare kubera ubuntu bwe. Yamerewe nabi ari mu mihango yo kwicazwa ku ntebe y'ubwepisikopi muri Kiliziya ya Mutagatifu Yohani w'i Laterani, aba ari ho agwa.



Scanned by CamScanner



## 233. PAPA PAWULO WA 5:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 29/5/1605, atanga ku ya 28/1/1621. Yagiranye umubano na Mikayile Romanofu wo muri Rusiya kandi yitabaza ibihugu ngo ahoshe itotezwa ry'abakristu mu Bushinwa no muri Yapani. N'ubwo yari ashyigikiye ubumenyi bw'inyenyeri, ntiyabujije Koperiniki kwicwa.



## 234. PAPA GERIGORI WA 15:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 14/2/1621, atanga ku ya 8/7/1623. N'ubwo ingoma ye itarambye, yashyigikiye abanyayirilande kandi atuma idini gatolika isubirana mu Bufransa. Yitaye ku iyogezabutumwa bituma ashyiraho urwego rw'ubutegetsi rwitwa "Propaganda Fide".



## 235. PAPA URUBANI WA 8:

Yavukiye i Floranse, atorwa ku ya 29/9/1623, atanga ku ya 29/7/1644. Yakoze imirimo myinshi ku nyandiko ntagatifu, nk'imihango y'ubupapa n'ubwepisikopi, iya buribyari, iy'imihango y'amasakramentu n'igitabo cy'abahowimana. Ku ngoma ye, ni bwo uwitwa Galilewo Galile yaciriwe urwo gupfa, ati "Nyamara isi irazenguruka". Uwo mupapa ni we wahimbaje yubile ya 13 mu 1625. Ni na we wubakishije inzu Papa aruhukiramo i Casiteli Gandolfo i Roma.



## 236. PAPA INOSENTI WA 10:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 4/10/1644, atanga ku ya 7/1/1655. Yagerageje guhendahenda umwami Alegisanderi wa 1 w'u Burusiya ngo adohorere abagaragu bakoraga mu buhinzi. Yanze amasezerano y'i Westifali, yatumaga imigi myinshi itegekwa n'abaporotesitanti. Ni we wahimbaje yubile ya 14 mu 1650.



Scanned by CamScanner



237. PAPA ALEGISANDERI WA 7:

Yavukiye i Siyeni, atorwa ku ya 18/4/1655, atanga ku ya 22/5/1667. Yagerageje gukumira ubuporotesitanti, cyane cyane mu Butaliyani n'u Bwongereza. Ni we washoje imirimo y'ubwubatsi ku rubuga rwa Mutagatifu Petero, cyane cyane inkingi ya Berini n'amasoko abiri arurimo.



238. PAPA KILIMENTI WA 9:

Yavukiye i Pisitoyiya, atorwa ku ya 26/6/1667, atanga ku ya 9/12/1669. Mu ntambara yo gusimburana ku ngoma mu Bufransa, muri Hisipaniya, mu Bwongereza no mu Buholandi, ni we wabaye umuhuza w'ibice birwana mu masezerano y'amahoro yabereye Akwisiyana, akamwitirirwa (Clémentine). Ku ngoma ye, inkingi 284 zo muri Kiliziya ya Mutagatifu Petero ni bwo zatatswe amashusho 140 y'abatagatifu.



239. PAPA KILIMENTI WA 10:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 11/5/1670, atanga ku ya 22/7/1676. Yagobotse mu itorwa ry'umwami wa Polonye, atuma hashyirwaho Yohani Sabiyewisiki yashimiraga ubukristu bwe, no kuba yaratsinze abanyaturukiya mu ntambara y'i Cezimu. Ni we wahimbaje yubile ya 15 mu 1675.



240. UMUNYAHIRWE INOSENTI WA 11:

Yavukiye ahitwa i Kome, atorwa ku ya 4/10/1676, atanga ku ya 12/8/1689. Ni we waciye ibyo bitaga uburenganzira bwo kuba indakoreka n'ubwo gutoneshwa. Yarwanyije amakosa ya Ludoviko wa 14 w'u Bufransa, atabaza n'umwami Sabiyewisiki wa Polonye watsinze abanyaturukiya i Viyene. Ni we washyizeho umunsi mukuru w'izina rya Mariya kuri 12/9.



Scanned by CamScanner



## 241. PAPA ALEGISANDERI WA 8:

Yavukiye i Venize, atorwa ku ya 16/10/1689, atanga ku ya 1 Gashyantare. Yatoreshejwe na Ludoviko w'u Bufransa, bituma ashobora kugera ku masezerano 4 yiswe "uburenganzira bw'u Bufransa". Yafashije umwami wa Polonye n'abanyavenize mu ntambara barwanaga n'abanyaturukiya. Ni we watatse inzu y'ibitabo ya Vatikani ibitabo byinshi kandi byiza.



## 242. PAPA INOSENTI WA 12:

Yavukiye i Napule, atorwa ku ya 15/7/1691, atanga ku ya 27/9/1700. Ni we wategetse ikanzu ku bapadiri n'imyitozo ya roho ya buri munsi. Ludoviko wa 14 yaretse "uburenganzira bw'u Bufransa", Papa na we yemera abepisikopi bashyizweho n'umwami. Yahimbaje yubile ya 16 mu 1700, atera inkunga na misiyoni zo muri Aziya.



## 243. PAPA KILIMENTI WA 11:

Yavukiye ahitwa Urubino, atorwa ku ya 8/12/1700, atanga ku ya 19/3/1721. Akimara kumva itorwa rye, yahise aryanga; bimara icyumweru kugira ngo babimwemeze. Kubera ko yari yarize kandi akunda ubugeni, yinjije ibitabo byinshi i Vatikani byerekeye amategeko ya kera yo mu burasirazuba. Ni we washoje yubile ya 16 mu 1700.



## 244. PAPA INOSENTI WA 13:

Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 18/3/1721, atanga ku ya 7/3/1724. Yongeye kwemeza iteka ryerekeye abapadiri b'abafransa batari bamwemeye ryitwa "Unigenitus". Yagobotse Kiliziya ya Hisipaniya. Yohereje akayabo k'amafranga 100.000 abanyamafarasi b'i Malite ngo barwanye ubuyisilamu.



Scanned by CamScanner



## 245. PAPA BENEDIGITO WA 13:

Yavukiye i Gravina di Puglie, atorwa ku ya 4/6/1724, atanga ku ya 21/2/1730. Yitaye cyane ku nyigisho za roho. Mu rwego rwa yubile ya 17 mu 1725, yatashye ingazi yitiriwe Ubutatu bwo ku Misozi i Roma. Ni we washyize mu rwego rw'abatagatifu ba Mutagatifu Ludoviko Gonzaga na Sitanisilasi, umurinzi wa Polonye.



## 246. PAPA KILIMENTI WA 12:

Yavukiye i Floranse, atorwa ku ya 16/7/1730, atanga ku ya 6/2/1740. Yirinze kwivanga mu ntambara zariho icyo gihe. Yaciye umukino w'urusimbi witwa lotto; numero za mbere bari bafindiyeho ni 56-11-54-18-6. I Napule yahashinze ishuri ry'abashinwa.



## 247. PAPA BENEDIGITO WA 14:

Yavukiye i Bulonye, atorwa ku ya 22/8/1740, atanga ku ya 3/5/1758. Ni we mupapa wari warize cyane icyo gihe. Afatanyije na Mutagatifu Lewonaridi, yakwije "isengesho ry'inzira y'umusaraba", anahimbaza yubile ya 18 mu mu 1750. Yakomeje gushushanyisha amashusho y'abapapa muri Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Pawulo i Roma.



## 248. PAPA KILIMENTI WA 13:

Yavukiye i Venize, atorwa ku ya 16/7/1758, atanga ku ya 2/2/1769. Kubera gukunda ibintu biciye ku murongo no gukomera ku mico ya kera, ibihugu byinshi by'ibigatolika ntibyamurebye neza, bimwe ndetse bikuraho amategeko amwe n'amwe ya Kiliziya.



Scanned by CamScanner



**249. PAPA KILIMENTI WA 14:**

Yavukiye i San Arcangelo (Rimini), atorwa ku ya 4/6/1769, atanga kù ya 22/9/1774. Yagerageje gusubiranya umubano n'ibihugu by'ibigatolika. Ni we washinze mize yitwa Klementino. Ni na we wahinduye amategeko y'altari ya shapeli yitwa Sigisitine.



**250. PAPA PIYO WA 6:**

Yavukiye i Sezena, atorwa kù ya 22/2/1775, atanga ku ya 29/8/1799. Yahimbaje yubile ya 19 mu 1775. Kubera ko nta kundi yari kugira, yacanye umubano n'u Bufransa, bituma ariha amafaranga menshi cyane, atanga n'ibintu by'ubugeni bihenze. Yashongesheje inzogera yo muri Kiliziya ya Mutagatifu Petero yari ifite umurambararo wa m 2. Napolewo yigaruriye Roma, afata Papa.



**251. PAPA PIYO WA 7:**

Yavukiye i Sezena, atorwa ku ya 21/3/1800, atanga ku ya 20/8/1823. Kugira ngo akore uko Napolewo yashakaga, yakoze amasezerano y'amahoro yatumye na none Kiliziya y'u Bufransa yigomeka. Yambitse Napolewo ikamba ry'umwami w'abami i Pari, ariko amufungira amasakramentu bamaze gushwana. Ni we washyizeho ibendera rya Vatikani ry'umweru n'umuhondo.



**252. PAPA LEWO WA 12:**

Yavukiye i Genga (Spolete), atorwa ku ya 5/10/1823, atanga ku ya 10/2/1829. Yongeye gushimangira umuryango w'abayezuwiti, anakura ubucibwe bw'ibyo Galile yakoze. Yahimbaje yubile ya 20 mu 1825. Yongeye kubakisha Kiliziya ya Mutagatifu Pawulo yari yaratwitswe.



Scanned by CamScanner



## 253. PAPA PIYO WA 8:

Yavukiye i Cingoli, atorwa ku ya 5/4/1829, atanga ku ya 30/12/1830. Ku ngoma ye udutsiko tw'imyigaragambyo twari dukaze mu Butaliyani. Kubera ko yari umuntu w'imishyikirano, yashyikiranye na Sultani avuganira abanyarumeniya. Ni we washinze iposita ya Vatikani. Yahaye misiyoni umwanya wa mbere.



## 254. PAPA GERIGORI WA 16:

Yavukiye i Bellune, atorwa ku ya 6/6/1831, atanga ku ya 1/6/1846. Yishingikirije amasezerano matagatifu (Otrishiya, Prusse na Rusiya) ategeka ibihugu bya Papa. Imyaka y'ubukuru yayigize 21 aho kuba 25. Ni we wubakishije mize mu Misiri no muri Etruske.



## 255. PAPA PIYO WA 9:

Yitwaga Giyovani Maria-Masitai Ferretti. Yavukiye i Sanigallia, atorwa ku ya 2/6/1846, atanga ku ya 7/2/1878. Yahimbaje yubile ya 21 mu 1875, atiriwe akingura inzugi ntagatifu. Ni we watangaje ukutibeshya kwa Papa iyo atangaza amahame. Ku ya 20/9/1870, Roma yabaye umurwa mukuru w'u Butaliyani.



## 256. PAPA LEWO WA 13:

Gioacchino Pecci. Yavukiye i Carpineto, atorwa ku ya 3/3/1878, atanga ku ya 20/7/1903. Yanditse urwandiko rwitwa "Rerum Novarum" rwerekeye umurimo na politiki y'imibereho y'abaturage. Ni we mupapa wa mbere wafashwe muri cinema. Yahimbaje yubile ya 22 na Kiliziya ya Mutagatifu Petero ishyirwamo amashanyarazi bwa mbere.



Scanned by CamScanner



**257. PAPA PIYO WA 10:**

Giuseppe Sarto. Yavukiye i Riese, atorwa ku ya 9/8/1903, atanga ku ya 20/8/1914. Ni we washoje igitabo cy'amategeko ya Kiliziya. Ni we watangiye iyandikwa ry'ibikorerwa ku Ntebe ya Papa "Acta Apostolicae Sedis", bitangaza amategeko n'izindi nyandiko. Ni we wategetse umuhango wo gushyira hejuru hositiya na Kalisi mu misa.



**258. PAPA BENEDIGITO WA 15:**

Prancesco della Chiesa. Yavukiye i Jene, atorwa ku ya 6/9/1914, atanga ku ya 22/1/1922. Ibihugu byari bifite ababihagarariye i Vatikani byavuye kuri 14 bigera kuri 27, harimo n'u Bwongereza bwari bumaze ibinyejana 3 bucanye umubano na Vatikani. Ni we washyize Jeanne d'Arc mu rwego rw'abahire, anashinga kaminuza y'Umutima Mutagatifu.



**259. PAPA PIYO WA 11:**

Achille Rati. Yavukiye i Desio, atorwa ku ya 12/2/1922, atanga ku ya 10/2/1939. Yagiranye amasezerano na Benito Musolini yerekeye imituranire ya Kiliziya na Leta y'u Butaliyani, ku ya 11/2/1929. Yahimbaje umwaka mutagatifu igihe ubucunguzi bwacu bwari bugize ibinyejana 19 mu 1933. Ku ngoma ye ni bwo inzu ya Radiyo Vatikani yubatswe.



**260. PAPA PIYO WA 12:**

Eugenio Pacelli. Yavukiye i Roma, atorwa ku ya 2/3/1939, yizihije umwaka wa 63 avutse, atanga ku ya 9/10/1958. Yarwanyije itotezwa ry'abamarigisisiti. Ni we wavumbuje imva ya Mutagatifu Petero muri Kiliziya yamwitiriwe. Yahimbaje yubile ya 24 mu 1950, anatangaza ihame ry'Ukujyanwa mu ijuru kwa Bikira Mariya.



Scanned by CamScanner



## 261. PAPA YOHANI WA 23:

Angelo Giuseppe Roncalli. Yavukiye i Sotto il Monte i Bergamo, atorwa ku ya 28/10/1958, atanga ku ya 3/6/1963. Ni we watangije Konsili ya 21, ari yo Vatikani ya 2, ku ya 11/10/1962, mu nyandiko yise Humanae Solutis. Ibyagombaga kwigwa byari imihango mitagatifu, , imibanire y'abantu - na Kiliziya n'iyi si. Ibyo kumugira umuhire byaratangiye.



## 262. PAPA PAWULO WA 6:

Giovanni B. Montini. Yavukiye i Concesio muri Brescia, atorwa ku ya 21/6/1963, atanga ku ya 6/8/1978. Ni we washoje Konsili Vatikani ya 2, ku ya 8/12/1965. Yahimbaje yubile ya 25 mu 1975. Ni we mupapa wa mbere warenze umupaka w'u Burayi. Ni we washinze za sinodi mu madiyosezi.



## 263. PAPA YOHANI PAWULO WA 1:

Albino Luciani. Yavukiye Forno di Canale, atorwa ku ya 26/8/1978, atanga ku ya 28/9/1978. Ni we mupapa wa mbere wafashe izina rigizwe n'abiri. Yanze ko bamukorera umuhango wo kumwimika. Ingoma ye yamaze iminsi 33; yazize indwara y'amaraso aryamye ariho asoma. Bamwitaga umupapa w'agatwenge.

ikizira kizakomeza
kugeza ubwo yesu azagaruka
cyashenze ...
1. ikizira cyambere = Nebukadneza
2. Titus kurimbura ikizira
3: ... noko bakura ho i mbijimani ishaka



Scanned by CamScanner



## 264. PAPA YOHANI PAWULO WA 2:

Yavukiye i Wadowice muri Polonye, ubundi yitwa Karoli Voyitila. Yatowe ku ya 16/10/1978. Kuva kuri Papa Adriyani wa 6, ni we wabaye Papa wa mbere utari umutaliyani, n'umupapa wa mbere w'umunyapolonye. Yandikishije Bibiliya yitwa "Neo-volgota". Ingoma ye irangwa n'ubwiyunge bw'amadini. Yahuye n'Umukuru wa Kiliziya y'iburasirazuba Atenegorasi i Konsitatinopole bagirana imishyikirano. Yagiye muri Lete zunze ubumwe z'Amerika, i New York, afata ijambo mu muryango w'abibumbye. Ibihugu asuye, abishyira Ijambo ry'Imana n'ubutumwa bw'amahoro. Mu 1979, yatangiye urwunge rw'ingendo ajya muri Megisiki, muri Polonye, muri Irilande, muri Leta zunze ubumwe z'Amerika no muri Turukiya. Mu 1980, yagiye muri Zayire, muri Kongo, muri Kenya, muri Burukisa Faso, muri Kotedivuware, mu Bufransa, muri Brezili no mu Budage. Mu 1981, yagiye muri Yapani, muri Filipini. Ku ya 13/5/1981, igihe yavugiraga ijambo ku Rubuga rwa Mutagatifu Petero, ni bwo bamurashe. Mu 1982, yasubiye mu ngendo ajya muri Nijeriya, muri Gine Ekwatoriyali, muri Gabo no muri Porutigali. Mu 1983, yagiye muri Kosita Rika, muri Nikaragwa, muri Salvadori, muri Gwatemala, muri Hondurasi, muri Belize, muri Hayiti, muri Polonye no mu Bufransa (bwa 2) no muri Otrishiya. Kuya 25/3/83 kugera ku ya 22/4/1984, yatangaje yubile y'Umwaka w'Ubucunguzi. Mu 1984, yakoze izindi ngendo muri Koreya, muri Papuwazi, muri Nuveli Gine, mu Birwa bya Salomoni, muri Tayilandi, mu Busuwisi, muri Kanada no muri Repubulika Dominikene. Yavuguruye amasezereno ya Vatikani na Leta y'u Butaliyani yo ku ya 11/2/1929. Mu 1985, yagiye mu bihugu bikurikira: Venezuwela, Ekwateri, Peru, Trinidadi, u Buholandi n'u Bubiligi.



Scanned by CamScanner

# UMUYOBOZI WA KILIZIYA GATOLIKA Y'I ROMA.

Matayo 23:9-12

Papa ni ijambo rikomoka ku rurimi rw'ikigereki rikavuga umubyeyi w'umugabo. Muri 304 Ny. K, kuri Mutagatifu Mariselini, ni bwo iryo jambo ryakoreshejwe bwa mbere bashaka kuvuga umusimbura wa Petero Intumwa mu buyobozi bwa Kiliziya.

Amashusho yerekana uruhanga rw'abapapa uko bagiye basimburana ashushanyije muri za Kiliziya za Mutagatifu Petero i Grado ya Pise, muri Katedrali y'i Siyeni, muri Kiliziya ya Mutagatifu Petero i Roma, mu Ngoro y'i Altieri ya Orido Romano, no muri Kiliziya nkuru ya Superga i Turino; cyakora ari muri Kiliziya ya Mutagatifu Pawulo ni yo atunganye kandi yuzuye. Mutagatifu Lewo mukuru ni we wabitangiye muri 498. Ishusho imwe ifite umurambararo wa m T,90. Hejuru hakaba hari izina ry'umupapa, naho hasi hari igihe yamaze ku ngoma.

Umuhezo wo gutora Papa "Conclave". Iryo jambo ry'igifaransa riva ku kilatini "cum-clavis" (bivuga ahantu hafunze n'urufunguzo). Uwo muco wo gutorera Papa mu muhezo watangiye ku ngoma ya Papa Gerigori wa 10 mu 1271. Mu itorwa rye, habaye impaka ndende zamaze umwaka wose batarumvikana, nuko abakristu b'i Veteribe, aho itora ryaberaga, bafungirana abakaridinali bari mu itora, kugeza ubwo batoye Papa.

Uwo muhezo w'itora ubera muri shapeli yitwa Sigisitine nyuma y'iminsi 18 ikurikira ishyingurwa rya Papa wari uri ho; byose bibera mu muhezo uhambaye. Abinjira muri uwo muhezo ni abakaridinali, buri wese aherekejwe n'umunyamabanga we, umunyamabanga w'urugaga rwabo, umuganga, umujyanama wa roho, umunyamihango wo mu Kiliziya, n'ababwiriza n'abahereza. Basohoka itora rirangiye.

Itora ribera mu ibanga. Iyo ubwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi butabonetse, impapuro batoreyeho bazitwikisha amakara; naho iyo amajwi ngombwa abonetse, impapuro bazitwika ku buryo zibyara umwotsi w'umweru. Iyo myotsi rubanda iyirebera ku rubuga rwa Mutagatifu Petero. Mbere yo gutangaza uwatowe ku mugaragaro, babanza kumubaza niba abyemeye. Iyo abyemeye ako kanya ahita afata ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya Ga-




Scanned by CamScanner

tolika. Ako kanya umukaridinali ubishinzwe akajya ku ibaraza rya Kiliziya ya Mutagatifu Petero, akavuga mu kilatini ati "Habemus Papam" ari ko kuvuga ngo "Tubonye Papa". Nuko Papa na we akajya kuri rya baraza akahatangira umugisha avuga amagambo ngo "Urbi et Orbi".

ka. Ako kanya umukaridinali ubishinzwe akajya ku ibaraza rya Kiliziya ya Mutagatifu Petero, akavuga mu kilatini ati "Habemus Papam" ari ko kuvuga ngo "Tubonye Papa". Nuko Papa na we akajya kuri rya baraza akahatangira umugisha avuga amagambo ngo "Urbi et Orbi".

Umuco wo guhindura izina rya batisimu watangiranye na Papa Yohani wa 2 muri 533. Wari uzi ko: hariho abapapa 81 babaye abatagatifu na 9 b'abanyahirwe, na 38 b'ingirwapapa? Umupapa wamaze imyaka myinshi ku ngoma ni Piyo wa 9, yamaze imyaka 32 yose (1846-1878); naho uwamaze mike ni Papa Sitefano wa 2, wamaze umunsi umwe gusa (muri 752). Uwatowe akuze cyane ni Papa Adriyani wa 1, watowe afite imyaka 80, na ho umutoya ni Papa Benedigito wa 9 watowe afite imyaka 12 (1032 yatowe incuro 3). Amazina ya Papa bakunzwe kwitwa ni Yohani, incuro 23, na Gerigori, incuro 16, na Benedigito, incuro 15; amazina ataragize abandi bayitwa ni 43.





Scanned by CamScanner